

Ibirimo/Summary/Sommaire ***page/urup.***

A. CMA :Amabwiriza / Regulation / Règlement

Amabwiriza n°15 yerekeye uburyo bwo gushyira inyandiko nyemezamwenda ku Isoko ry'Imari n'Imigabane.....	3
Regulation n°15 for issuance of Capital Market Debt Securities.....	3
Règlement n°15 régissant l'émission des titres de créance sur le Marché des Capitaux.....	3

B. Imiryango ishingiye ku Idini / Religious-based Organisations / Organisations fondées sur la Religion

Umuryango Campus pour Christ International au Rwanda.....	40
Campus pour Christ International au Rwanda Organisation.....	40
Organisation Campus pour Christ International au Rwanda.....	40
Amategeko Shingiro y'Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda.....	56
The Constitution of the Free Methodist Church in Rwanda.....	56
Statuts de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda.....	56

C. Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina :

- NTWARI Patrick.....	73
- MUHIZI Brejnev.....	74
- UMWANZAVUGE Mathias.....	74
- SEBITITAWIHO Melanie.....	74

D. Amakoperative / Cooperatives / Coopératives

- UCOPEBU.....	75
- KOAKISA.....	76
- KOTURU – MUGANZA.....	77
- COOTAMOMWU – NTUNGA.....	78
- COADECOFA.....	79
- COTAMONYARU.....	80
- C.S.P.KI.....	81
- COOTAMOKANYA.....	82
- JYAMUBANDI.....	83
- KUDK.....	84
- KOPIZ.....	85
- KOBUTE.....	86
- IGITEKEREZO GATSATA (KIG).....	87
- U.I.C.K.....	88
- ABAHUJUMURIMO – KIYUMBA.....	89
- KOTEBINYA.....	90

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- TUBYAZE UBUTAKA UMUSARURO.....	91
- COOPRORIZ RUSULI RWAMUGINGA – CYARUBARE.....	92
- COOPRORIZ CYILI.....	93
- COOPRORIZ – NYIRAMAGENI.....	94
- COOPRORIZ – MIRAYI.....	95
- JYAMBERE NYARUGENGE.....	96
- COOPRORIZ – GATARE.....	97
- COOPRORIZ – AKANYARU.....	98
- KUNDUMWUGA W’UBUDOZI.....	99
- CODECOL.....	100
- DUFATANYE AGASEKE.....	101
- COFISM.....	102
- TERINTAMBWE – MUBONA.....	103
- CORVNY.....	104
- IABINYA.....	105
- ABIYEMEJE GUKIRA.....	106
- KOJYAMISHI.....	107
- IBYIRINGIRO – SHINGIRO.....	108

AMABWIRIZA N°15 YEREKEYE UBURYO BWO GUSHYIRA INYANDIKO NYEMEZAMWENDA KU ISOKO RY'IMARI N'IMIGABANE

REGULATION N°15 FOR ISSUANCE OF CAPITAL MARKET DEBT SECURITIES

RÈGLEMENT N°15 RÉGISSANT L'ÉMISSION DES TITRES DE CRÉANCE SUR LE MARCHÉ DES CAPITAUX

Gishingiye ku Itegeko n° 11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3 n'ya 4;

Pursuant to the Law No 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Market Authority, especially in its articles 3 & 4;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Autorité des marchés des capitaux, spécialement en ses articles 3 et 4 ;

Gishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'imari n'imigabane, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 74;

Pursuant to the law No 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market, especially in its article 74,

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda, spécialement en son article 74 ;

Gishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;

Pursuant to the law No 40/2011 of 20/09/2011 regulating the Collective Investment Schemes especially in its article 64,

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des Fonds d'investissements collectifs au Rwanda, spécialement en son article 64,

Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyitwa "IKIGO" mu ngingo zikurikira, cyemeje amabwiriza akurikira:

The Capital Market Authority hereinafter referred to as the "AUTHORITY", decrees:

L'Autorité des marchés des capitaux, ci-après dénommée " l'AUTORITÉ", adopte les règlements suivants:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Ingingo ya mbere: Icyo aya Mabwiriza agamije

Article 1: Purpose

Article premier: Objet des présents Règlements

Aya Mabwiriza agamije kugenga ibikorwa byo guhamagarira rubanda kugura inyandiko nyemezamwenda ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda.

The purpose of these Regulations is to regulate the public offer of Capital Market Debt Securities in Rwanda.

L'objet des présents règlements est de réglementer l'offre au public des titres de créance sur le marché des capitaux au Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

“**Ikigo**” bivuga ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane;

“**Itegeko**” bivuga Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

“**Inyandiko nyemezamwenda**” bivuga icyizere umuntu atanga akoresheje amasezerano cyangwa inyandiko akiyemezako azishyura umwenda. Muri izo nyandiko harimo impapuro mvunjwafaranga zitangwa na Leta, izitangwa n'inzeho z'imitegekere za Leta, izitangwa n'ibigo by'ubucuruzi, izikoreshwa mu gutera inkunga imishinga ya Leta y'ibikorwa remezo ndetse n'izindi nyandiko z'agaciro zemewe n'ikigo.

“**Ushyira ku isoko inyandiko**” muri aya Mabwiriza bivuga umuntu ushyira ku isoko cyangwa uteganya gushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda ku buryo ushyira ku isoko inyandiko ashobora kuba ari ikigo cy'ubucuruzi, Leta y'u Rwanda cyangwa ikindi kigo icyo ari cyo cyose gifite ubuzima gatozi akaba ahamagarira rubanda cyangwa igice cy'abantu aba n'aba bari mu Rwanda kugura inyandiko ngaragazamwenda igihe biteganijwe ko izo nyandiko z'agaciro zigomba gusabirwa kwemererwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane ryemewe ryo mu Rwanda cyangwa ry'ahandi;

“**kwemererwa ku isoko ry'imari n'imigabane**” bivugwa ku nyandiko nyemezamwenda ziba zemerewe gushyirwa ku rutonde ruzwi rw'isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane

Article 2: Definitions

“**Authority**” means the Capital Market Authority;

“**Act**” means the law No 01/2011 of 10/02/2011 regulating the Capital market in Rwanda;

“**Debt Securities** ” A debt Security is a contractual or written assurance to repay a debt. This includes the Government Treasury Bonds, the Municipal Bonds, The Corporate Bonds, the Infrastructure bonds and other related securities approved by the Authority.

“**Issuer**” in relation to these regulations, means the person by whom Debt securities have been issued or are to be issued and shall include a company, the Government of Rwanda or other legal entity that offers debt securities to the public or a section thereof in Rwanda, where it is intended that such securities shall be listed on an approved securities exchange in Rwanda or elsewhere;

“**listing**” means admission of a debt securities to the official list of a securities exchange; and the terms “list” and “listed” shall be construed accordingly;

Article 2: Définition des termes

«**Autorité**» désigne l'Autorité des marchés des capitaux;

«**Loi**» désigne la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda ;

«**Titre de créance**» désigne une garantie contractuelle ou écrite visant à assurer le remboursement d'une dette. Il peut s'agir notamment des bons du Trésor du gouvernement, des obligations émises par les entités administratives, des obligations de sociétés, des obligations de financement de projets d'infrastructure et autres titres connexes approuvés par l'Autorité.

«**Émetteur**» désigne, aux fins des présents Règlements, une personne ayant émis ou envisageant d'émettre des titres de créance et qui peut être notamment une société, le Gouvernement du Rwanda ou autre personne morale qui offre des titres de créance au public ou à une partie de celui-ci au Rwanda lorsqu'il est prévu de coter ces titres sur une bourse des titres agréée au Rwanda ou ailleurs;

«**Cotation**» désigne l'admission d'un des titre de créance à la cote officielle d'une bourse de titres, et les termes «cote» et «coté» sont à interpréter de manière correspondante;

haba mu Rwanda cyangwa se mu mahanga; amagambo “kwemerera” no “kwemererwa” gushyirwa ku isoko ry’imari n’imigabane agomba kumvikana uko ari.

«Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane » bivuga itangazo, inyandiko isobanura ibicuruzwa, iyamamaza cyangwa inyandiko isanzwe iri ku rupapuro cyangwa yoherejwe mu buryo koranabuhanga cyangwa iteguye mu bundi buryo kandi izo nyandiko zose zikaba zihamagarira rubanda kugura inyandiko nyemezamwenda cyangwa zemerera rubanda kugura inyandiko nyemezamwenda.

“Isoko ry’ibicuruzwa byo ku isoko ry’imari n’imigabane ryemewe” bivuga isoko ry’ibicuruzwa byo ku isoko ry’imari n’imigabane ryemewe hakurikijwe Itegeko rigenga isoko ry’imari n’imigabane;

“Gushyira inyandiko ndangamwenda ku isoko” bivuga igurisha ry’inyandiko ndangamwenda rikozwe n’ikigo iki n’iki cyemewe n’amategeko giteganwa muri aya Mabwiriza mu gihe icyo kigo kigurisaha izo nyandiko kuri rubanda kigamije gushaka amafaranga yo kwagura ibikorwa by’ubucuruzi no gukora ishoramari.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n’aya Mabwiriza

Aya Mabwiriza areba uburyo bwose bwo guhamagarira rubanda kugura inyandiko nyemezamwenda mu Rwanda igihe ushyira ku isoko izo nyandiko ateganya gusaba ko izo

“Prospectus” means a notice, circular, advertisement or request issued in paper, electronic or other form inviting applications or offers from the public to subscribe for or purchase, or offering to the public for subscription or purchase, of a debt security.

“A recognized stock exchange” means a stock exchange approved under Capital Market laws.

“Offer” The sale of debt securities by any legal entity provided for in this regulation to the public in order to raise funds for business expansion and investment.

Article 3: Scope of the regulations

These Regulations shall apply to all public offers of debt instruments in Rwanda where the issuer intends to seek listing on an approved securities exchange in Rwanda.

«Prospectus» désigne un avis, une circulaire, une annonce ou une demande émise sur support papier, électronique ou sous une autre forme invitant le public à présenter des demandes ou proposer des offres pour faire la souscription ou l’achat d’un titre de créance ou invitant le public à souscrire ou acheter un titre de créance.

«Bourse de titres agréée» désigne une bourse de titres approuvée en vertu des lois portant régulation du marché des capitaux.

« Offre» désigne la vente au public des titres de créance effectuée par une personne morale quelconque prévue par les présents Règlements afin de recueillir des fonds destinés à l’expansion des activités commerciales et à l’investissement.

Article 3: Champ d’application des présents Règlements

Les présents Règlements s’appliquent à toutes les offres au public des titres de créance au Rwanda lorsque l’émetteur envisage d’en demander l’admission à la cote d’une bourse de titres agréée

nyandiko zemererwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

UMUTWE WA II: IBISABWA MBERE YO KWEMERERWA GUSHYIRA KU ISOKO INYANDIKO NYEMEZAMWENDA

Ingingo ya 4: Gushingwa hakurikijwe amategeko

Ushyira ku isoko inyandiko agomba kuba:

- (1) (a) yarashinzwe hakurikijwe amategeko cyangwa se akaba ari ikigo cyashinzwe hakurikijwe amategeko y'u Rwanda cyangwa se irindi tegeko iryo ari ryo ryose ryemewe;
- (b) yarakoze iyandikisha hakurikijwe Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi;
- (2) Urwego rwa Leta rufite ububasha bwo kuguza;
- (3) Ikigo cya Leta;
- (4) Umuntu cyangwa ikigo byemewe n'Ikigo.

Ingingo ya 5: Kunguka no kuba uzwiho imikorere myiza

Usaba bwa mbere agomba kuba azwiho kuba yaranzwe n'imikorere myiza. Ubusanzwe ugomba kuba waranzwe n'iyi mikorere myiza nibura mu gihe cy'imyaka itatu (3) y'imari kandi isosiyete ikaba yaragarajeko yabonye inyungu nyazo nyuma yo gukuramo umusoro ku buryo izo nyungu zari zigenewe abanyamigabane kandi izo

CHAPTER II: QUALIFICATIONS FOR ISSUANCE OF DEBT INSTRUMENTS

Article 4: Incorporation

The issuer must be:

- (1) (a) Duly incorporated or otherwise established in accordance with the laws of Rwanda or any other recognizable law;
- (b) Registered under the Company's Act;
- (2) A government borrowing authority;
- (3) A public authority;
- (4) A person approved by the Authority.

Article 5: Profitability and Track Record

A new applicant must have an adequate track record. An adequate track record will normally be at least three financial years and the company must have declared positive profits after tax attributable to shareholders in at least the last two financial periods preceding the application of the issue, or as shall be determined by the Authority.

au Rwanda.

CHAPITRE II: CONDITIONS REQUISES POUR ÉMETTRE DES TITRES DE CRÉANCE

Article 4: Constitution

L'émetteur doit:

- (1) (a) être dûment constitué ou créé de toute autre manière conformément aux lois du Rwanda ou à toute autre loi reconnue ;
- (b) être enregistrée conformément à la Loi relative aux sociétés commerciales;
- (2) Organe du gouvernement habilité à contracter des emprunts ;
- (3) Un organe public;
- (4) Une personne agréée par l'Autorité.

Article 5: Rentabilité et antécédents financiers

Quiconque adresse une première demande d'autorisation doit avoir des antécédents financiers satisfaisants. Ces antécédents satisfaisants doivent généralement porter au moins sur trois exercices financiers et la société doit avoir déclaré des résultats positifs après impôt attribuables aux actionnaires au moins dans les deux derniers

nyungu zikaba zarabonetse nibura mu gihe cy'imyaka ibiri (2) y'imari ibanziriza ubusabe bwo gushyira ku isoko inyandiko ngaragazamwenda cyangwa se ibyo bikaba byarabaye mu gihe iki n'iki Ikigo gishobora kugena. Ikigo kandi ntikireba gusa imikorere iranga abatanga ubusabe muri iki gihe kuko kiba kigomba no kureba imikorere yabaranze ibihe bya mbere kandi ikaba ishobora kuba itandukanye n'imikorere ibaranga igihe bari gutanga ubusabe. Ibyo bikorwa hagamijwe kumenya imikorere yabo ku buryo bwimbitse. Muri ibyo Ikigo kireba twavugaga imikorere yaranze usaba igihe yakoraga nka sosiyete z'ubufatanye, sosiyete zicunga imigabane y'izindi zosiyete, amakoperative cyangwa amashyirahamwe ndetse n'igihe yaretse gukora n'ibindi bigo maze ikigo cye kigakora cyonyine cyangwa se n'indi mikorere yaranze usaba ikigo cyahitamo kugenzura. Ikigo gishobora kandi kwemera kugenzura imikorere yaranze usaba mu gihe cy'imyaka mike ku buryo cyagenzura imikorere mu myaka iri hasi y'itatu (3) iyo igikorwa cyo guhamagarira rubanda kugura imigabane cyishingiwe ku buryo bwuzuye n'umwishingizi wemewe n'Ikigo ku kigero cy'umubare w'amafaranga ungana nibura n'umubare w'amafaranga winjijwe igihe inyandiko nyemezamwenda zashyirwaga ku isoko.

Iyo usaba ari umuntu usaba bwa mbere, aba agomba kuba yarakorewe igenzuramari mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) aheruka abanziriza itariki yatangiweho inyandiko ikubiyemo amakuru akenerwa n'abaguzi mbere y'uko bafata icyemezo cyo kugura.

The Authority will also take into account the track record of previous corporate structures of applicants that differed from the applicant's current structure for the purposes of determining adequate track record. This may include, for example, partnerships, proprietary companies, mutual and de-mutualised structures or other structures as determined by the Authority. The Authority may also accept a shorter period, than three financial years, if the public offering is fully underwritten on a firm basis by an underwriter approved by the Authority at least to the extent of the minimum amount required to be raised by the issue.

In the case of a new applicant, the latest financial period for which audited accounts have been prepared must not have ended more than six (6) months before the date of the disclosure document.

exercices précédant la demande de l'émission ou porter sur les exercices déterminés par l'Autorité. L'Autorité doit également tenir compte de la situation des structures d'entreprise antérieures du requérant, lesquelles structures diffèrent de sa structure actuelle aux fins de déterminer suffisamment ses antécédents. Il peut s'agir, par exemple, de ses partenariats, de ses sociétés propriétaires, de ses structures de mutualisation et de démutualisation ou d'autres structures telles que déterminées par l'Autorité. L'Autorité peut également décider que ces antécédents portent sur moins de trois exercices, si l'offre au public est intégralement souscrite sur des bases solides par un souscripteur approuvé par l'Autorité à concurrence d'au moins le montant minimum qui doit être recueilli grâce à l'émission de ces titres.

Dans le cas d'une personne qui adresse la demande pour la première fois, le dernier exercice pour lequel les comptes vérifiés ont été préparés ne doit pas avoir pris fin depuis plus de six (6) mois avant la date du document d'information.

Ingingo ya 6: Guhererekanwa ku buryo busesuye

Igiciro cy'inyandiko nyemezamwenda rubanda ruhamagarirwa kugura kigomba kuba gishobora kumvikanwaho n'abo bireba kandi izo nyandiko zikaba zishobora guhererekanwa ku buryo busesuye keretse:

- (a) hari ingingo iyi n'iyi isabako hari ibintu ibi n'ibi bigomba kubahirizwa kugira ngo izo nyandiko ziherekanywe;
- (b) Igihe Ikigo ubwacyo gishobora gushyiraho kibyishakiye ibintu ibi n'ibi bigomba kubahirizwa n'ibigo bikora nk'amashyirahamwe cyangwa koperative mbere yo kugira ngo ibyo bigo bishobore guhererekanya izo nyandiko.

Ingingo ya 7: Umubare fatizo wa ba nyir'inyandiko nyemezamwenda

Hagomba kuba hariho isoko rifunguriwe abantu bose ryo kugurishirizaho inyandiko z'agaciro. Ni ukuvugako hagomba kuba hari buri gihe nibura ba nyir'inyandiko nyemezamwenda barindwi (7) kandi muri bo ntihagomba kuba harimo uri mu bagize inama y'ubutegetsi y'ushyira izo nyandiko ku isoko cyangwa ngo habe harimo umuntu ufite ubwiganze mu migabane ya nyir'izo nyandiko nyemezamwenda cyangwa se ngo habe harimo ufatanywa ibikorwa n'umwe muri bo.

Article 6: Free Transferability

The debt securities for which public offer is sought must be fully negotiable and freely transferable except:

- (a) Any statutory restrictions on transfers;
- (b) Any restrictions on transfers which the Authority in its absolute discretion agrees to impose on the securities of mutual organizations.

Article 7: Minimum number of debt holders

There must be an open market in the instruments for which offer is sought. This means that there must at all times be at least seven (7) holders of the securities who are not a director or substantial shareholder of the issuer or a director of a substantial shareholder of the issuer or an associate of any of them.

Article 6: Libre cessibilité

Les titres de créance pour lesquels offre au public est demandée doivent être entièrement négociables et librement cessibles sauf en cas:

- (a) de restrictions légales sur les cessions, ou
- (b) de restrictions quelconques sur les cessions que l'Autorité peut, à son entière discrétion, décider d'imposer au regard des titres d'organisations mutualistes.

Article 7: Nombre minimum de détenteurs de créance

Le marché des instruments pour lesquels l'offre au public est demandée doit être libre. Ce qui signifie qu'il doit toujours y avoir au moins sept (7) détenteurs des titres au nombre desquels ne figure pas un administrateur ou un actionnaire majoritaire de l'émetteur ou un administrateur ou un actionnaire majoritaire de l'émetteur ou d'un associé de l'un d'eux.

Ingingo ya 8: Imari shingiro fatizo n'umutungo fatizo

Iyo ushyira ku isoko inyandiko ari isosiyete ariko imigabane ye ikaba itemerewe gushyirwa ku isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda, ushyira ku isoko inyandiko agomba kuba afite nibura imari shingiro umubare w'amafaranga y'imigabane yatanzwe kandi yishyuriwe ungana n'amafaranga y'u Rwanda miliyoni 500 kandi akaba afite n'umutungo bwite ufite agaciro kangana nibura na miliyari 1 y'amafaranga y'u Rwanda mbere yo guhamagarira rubanda kugura izo nyandiko kandi buri cyiciro cy'izo nyandiko nyemezamwenda rubanda ihamagarirwa kugura kikaba gihwanye nibura na FRW 1.000.000 cyangwa se kikaba gifite akandi gaciro aka n'aka gashobora kugenwa n'Ikigo igihe icyo ari cyo cyose. Nyamara ariko inyandiko ngaragazamwenda zishyizwe ku isoko nyuma y'izi ariko zihuye na zo mu buryo ubwo ari bwo bwose hamwe n'inyandiko ngaragazamwenda zo mu cyiciro cyarangije kwemererwa ku isoko ntabwo birebwa n'ibi bipimo fatizo.

Isosiyete igomba nibura gushyira ku isoko inyandiko nyemeza mwenda zingana na miliyoni Magana atanu ya y'amafaranga y'u Rwanda (FRW 500 M).

Ingingo ya 9: Ibindi usaba agomba kuba yujuje

Ibisabwa bivugwa mu ngingo zibanziriza iyi si byo byonyine usaba agomba kuba yubahirije bitewe n'uko Ikigo gishobora kumusaba kugira

Article 8: Minimum Capital and Assets

If the issuer is a company and its shares are not listed on the Stock Exchange in Rwanda market, the issuer must have minimum authorized issued and fully paid up share capital of Rwf 500 million and net assets of Rwf 1 (one) billion before the public offering of the instruments, and the nominal amount of each class of debt securities for which listing is sought must be at least Rwf.1000, 000 or such other amount as the Authority may from time to time determine. Further issues of debt securities which are uniform in all respects with debt securities of a class already listed are not subject to these limits.

The minimum size of a bond issue shall be (Rwf 500 Million).

Article 9: Additional Qualifications

The qualifications outlined in the previous articles are not exhaustive and an applicant must satisfy any additional requirements and supply such

Article 8: Montant minimal de capital et d'actifs

Si l'émetteur est une société et que ses actions ne soient pas cotées sur la Bourse des titres au Rwanda, l'émetteur doit avoir au moins un capital social autorisé, émis et entièrement libéré de 500 millions de FRW et des actifs nets d'un milliard de FRW avant que ces instruments ne soient offerts au public, et le montant nominal de chaque catégorie de titres de créance dont la cote est demandée doit être au moins 1.000.000 FRW ou être équivalent de tout autre montant que l'Autorité peut décider de temps à autre. L'émission d'autres titres de créance qui sont uniformes à tous égards aux titres de créance d'une catégorie déjà cotée n'est pas soumise à ces limites.

Le montant minimum des bons émis doit être cinq cent million de francs rwandais (500 M FRW).

Article 9: Conditions supplémentaires

Les conditions visées aux articles précédents ne sont pas exhaustives et le requérant doit satisfaire aux conditions supplémentaires et fournir d'autres

ibindi yuzuza ndetse kikanamusaba gutanga izindi nyandiko izi n'izi cyangwa andi makuru aya n'aya kubera impamvu izi n'izi zihariye.

further documents and information that the Authority may require in any particular case.

documents et informations que l'Autorité peut exiger dans un cas déterminé.

UMUTWE WA III: UBURYO BWO GUSABA KWEMERERWA N'IBISABWA

CHAPTER III: APPLICATION PROCEDURES AND REQUIREMENTS

CHAPITRE III: PROCÉDURES DE DEMANDE ET CONDITIONS

Ingingo ya 10: Uburyo bwo gusaba kwemererwa

Article 10: Application procedures

Article 10: Procédures de demande

Ubusabe bwose butanzwe n'ushaka kwemererwa guhamagarira rubanda kugura inyandiko nyemezamwenda bugomba kuba bugizwe n'ibi bikurikira:

Each application for Public offer of debt securities shall consist of the following:

Chaque demande d'offre des titres de créance au public doit être constituée de ce qui suit:

- (i) Ibaruwa isaba iriho umukono w'umukozi w'usaba ubifitiye ububasha n'uw'uwunganira usaba mu kumufasha kuzaza ibyangombwa bituma ashobora kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane kandi akaba yujuje ibisabwa bivugwa muri aya Mabwiriza;
- (ii) Inyandiko zitandukanye zigomba guherekeza ubusabe zivugwa muri aya Mabwiriza;
- (iii) Inyandiko ihagamarira rubanda kugura imigabane ifite agaciro kandi ya vuba;
- (iv) Inyandiko igaragazako yishyuye amafaranga avugwa mu Mabwiriza agenga amafaranga yakwa kuri serivisi zitangwa mu rwego rw'Isoko ry'Imari n'Imigabane;

- (i) A formal letter of application signed by a duly authorized officer of the applicant and the sponsor and which complies with the requirements set out in this regulation;
- (ii) The various supporting documents specified in this regulation;
- (iii) A valid and up to date prospectus document;
- (iv) The appropriate fees as described in the capital market fees regulation;

- (i) une lettre officielle de demande signée par un représentant dûment autorisé du requérant et par le sponsor, laquelle lettre doit être satisfaisante aux conditions énoncées dans les présents Règlements;
- (ii) les différents documents à l'appui visés aux présents Règlements;
- (iii) Un document de prospectus valable et à jour ;
- (iv) les frais appropriés prévus par les Règlements régissant les frais requis sur le marché des capitaux.

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

Ikigo gishobora kwemerera ushyira ku isoko inyandiko gutanga inyandiko itanga amakuru aho kugira ngo gitange inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane ariko ibyo ibyo bishoboka gusa iyo:

The Authority may allow an issuer to provide an information memorandum instead of a prospectus document but only if:

L'Autorité peut permettre à un émetteur de fournir une note d'information au lieu d'un prospectus, mais seulement si:

i. Usaba agaragarije neza Ikigo ko:

(i) The applicant satisfies the Authority that:

(i) le requérant parvient à convaincre l'Autorité que:

a) atigeze ashakisha igishoro mu mezi atatu (3) aheruka kandi ko atanateganya kubikora mu mezi atatu (3) ari imbere;

a) It has not raised any capital in the previous 3 months and does not expect it will raise capital in the next 3 months;

a) elle n'a pas mobilisé les capitaux dans les 3 mois précédents et n'envisage pas de le faire dans les 3 prochains mois ;

b) uburyo atangamo inyandiko ze butanyuraniye n'aya Mabwiriza.

b) The spread of its securities complies with this regulation.

b) l'éventail de ses titres de créance se conforme aux présents Règlements.

Ingingo ya 11: Inyandiko ziherekeza ubusabe

Article 11: Supporting documents

Article 11: Documents à l'appui

Mu rwego rwo kuzuzanya neza ubusabe bwe, ushyira ku isoko inyandiko agomba gushyikiriza Ikigo inyandiko zikurikira:

In support of its application, the issuer must lodge the following documents with the Authority:

L'émetteur doit, pour appuyer sa demande, soumettre à l'Autorité les documents suivants:

1) kopi y'icyemezo cy'iyandikisha iriho umukono wa Noteri cyangwa indi nyandiko ifite agaciro nk'ak'icyo cyemezo cyangwa se igihe usaba yaba yarakoze iyandikisha mu kindi gihugu akaba agomba gutanga icyemezo cye cy'iyandikisha cyatanzwe hakurikijwe itegeko bireba ryo mu gihugu iyandikisha ryakorewemo;

1) A certified copy of its certificate of incorporation or equivalent document, if not incorporated in Rwanda a certified copy of its certificate of registration under the relevant Act;

1) une copie certifiée conforme de son certificat de constitution ou d'un document équivalent et, si elle n'est pas constituée au Rwanda une copie certifiée conforme de son certificat d'enregistrement délivré en vertu de la loi applicable;

2) kopi y'amategeko shingiro ndetse n'inyandiko zose zigaragaza ibyagiye bihindurwa muri ayo mategeko kuva habaye iyandikisha;

2) A certified copy of the constitutional documents and all amendments made since the incorporation;

2) une copie certifiée conforme des documents constitutifs et de toutes les modifications apportées depuis la constitution ;

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|---|--|---|
| 3) raporo y'igenzuramari n'igenzura ry'uburyo bw'ibaruramari n'ibitabo by'ibaruramari kuri buri wose muri ya myaka itatu (3) y'imari yakorewe isoza ku birebana n'ushyira ku isoko inyandiko cyangwa itsinda kandi iyo akaba ari imyaka ibanziriza itangazwa ry'inyandiko ikubiyemo amakuru akenerwa n'abaguzi mbere y'uko bafata icyemezo cyo kugura cyangwa uhereye ku iyandikisha, igihe hadashize igihe kigeze kuri iyo myaka itatu kuva iyandikisha rikozwe; | 3) The audited annual report and accounts for each of the three (3) completed financial years of the issuer or group immediately preceding the issue of the disclosure document or since incorporation, if shorter; | 3) le rapport et les comptes annuels vérifiés pour chacun des trois (3) exercices clôturés de l'émetteur ou du groupe précédant immédiatement l'émission du document d'information ou depuis sa constitution, en cas de moins de 3 exercices; |
| 4) kopi y'inyandiko y'icyemezo cyangwa y'ibyemezo byose biriho umukono wa Noteri byemeza ishyirwa ku isoko n'itangwa ry'izo nyandiko z'agaciro harimo no gutegura ubusabe no gushyira umukono ku nyandiko y'ushyira ku isoko inyandiko yemezako yiyemeje kandi yemeye akanatangira uburenganzira itangazwa ry'inyandiko ikubiyemo amakuru akenerwa n'abaguzi mbere y'uko bafata icyemezo cyo kugura cyangwa se inyandiko y'ubwumvikane bwo kwishyira hamwe; | 4) A certified copy of all the resolution(s) authorizing the issue of such and allotment of such securities, including the making of the application and the signing of the issuer's undertaking and approving and authorizing the issue of the disclosure document or information memorandum; | 4) une copie certifiée conforme d'une résolution quelconque ou des résolutions quelconques autorisant l'émission et l'attribution de ces titres, y compris la présentation de la demande et la signature de l'engagement, l'approbation et l'autorisation de l'émission du document d'information et de la note d'information par l'émetteur; |
| 5) Inyandiko igaragaza ukwiyemeza k'ushyira ku isoko inyandiko iteguye mu buryo buteganyijwe mu Mugereka wa 1 ishyizweho umukono mu mwanya no mu izina by'usaba; | 5) An issuer's undertaking in the form set out in Annex 1, duly signed for and on behalf of the applicant; | 5) un engagement donné par l'émetteur dont la forme est prévue à l'Annexe 1, dûment signé au nom et pour le compte du requérant; |
| 6) Iyo utanga ubusabe abutanze bwa mbere, agomba gutanga inyandiko yo kugaragaza no kwiyemeza inshingano iriho umukono wa buri wese mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa buri wese uteganywa kuba umwe | 6) In the case of a new applicant, a declaration and undertaking signed by each director and proposed director of the issuer, in the form set out in Annex 2; | 6) Dans le cas d'un nouveau requérant, une déclaration et un engagement signé par chacun des administrateurs et administrateurs proposés de l'émetteur, en la forme prévue à l'Annexe 2; |

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

mu bagize inama y'ubutegetsi y'ushyira ku isoko inyandiko kandi iyo nyandiko igomba kuba iteguye mu buryo buteganywa mu Mugereka wa 2;

- | | | |
|--|---|---|
| 7) Inyandiko igaragaza ibintu ibi n'ibi umuntu yiyemeza iteguye mu buryo buteganyijwe mu Mugereka wa 3; | 7) A person's declaration in the form set out in Annex 3; | 7) une déclaration de la personne en la forme prévue à l'Annexe 3; |
| 8) Inyandiko ikubiyemo ibyo umujyanama wateganyijwe aba yiyemeje kandi iteguye mu buryo busabwa n'Ikigo; | 8) An undertaking from the proposed nominated adviser in the form required by the Authority; | 8) un engagement du conseiller proposée désigné donné selon la forme requise par l'Autorité; |
| 9) Kopi y'icyemezo cy'umutungo cy'agateganyo ndetse n'icyemezo cyose cy'umutungo cya burundu cyerekenako inyandiko zisabirwa gushyirwa ku isoko ari ize; | 9) A copy of any temporary document of title and any definitive document of title in respect of the securities to be listed; | 9) une copie de tout document formant titre provisoire et tout document formant titre définitif à l'égard des titres devant être cotés; |
| 10) Kopi ya buri baruwa, ya buri raporo, ya buri nyandiko ikubiyemo ibyavuguruwe, ya buri genagaciro, ya buri masezerano, ya buri mwanzuro n'iy'izindi nyandiko zose zivugwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane; | 10) A certified copy of every letter, report, statement of adjustments, valuation, contract, resolution and other documents referred to in the prospectus document; | 10) une copie certifiée conforme de chaque lettre, rapport, état des rajustements, évaluation, contrat, résolution et autres documents visés dans le prospectus ; |
| 11) Kopi y'impushya iyo Itegeko ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi risaba ko bene izo mpushya zigomba gutangwa; | 11) A copy of licenses where one is required by the company's act; | 11) une copie de licence lorsque celle-ci est requise par la loi relative aux sociétés commerciales ; |
| 12) Kopi y'icyemezo cyo gucungira undi umutungo cyangwa se indi nyandiko yishingira cyangwa igize inyandiko nyemezamwenda; | 12) A copy of the trust deed or other document securing or constituting the Debt securities; | 12) une copie de l'acte de fiducie ou de tout autre document constituant les titres de créance; |

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|---|---|--|
| 13) Guteganya gutanga urutonde ndakuka rw'abanyamigabane; | 13) Provisions to make available the final shareholder list; | 13) une présentation d'une liste définitive des actionnaires; |
| 14) Kugaragaza abafanyabucuruzi bose b'usaba, abagize inama ye y'ubutegetsi n'abakozi be; | 14) Declaration of all associates of the applicant, the applicant's directors and the applicant's officers; | 14) une déclaration de tous les associés du requérant, des ses administrateurs et de ses agents; |
| 15) Kwereka Ikigo inyandiko zose z'agaciro zigomba guhererekanwa ari uko hari ibintu ibi n'ibi bibanje kubahirizwa; | 15) Submission to the Authority on securities whose transfer is to be restricted; | 15) une indication à l'Autorité sur les titres dont la cession doit être limitée; |
| 16) Kopi izi n'izi z'amasezerano yemeza ibintu ibi n'ibi bigomba kubanza kubahirizwa ziriho umukono; | 16) Signed copies of any restriction agreement; | 16) les copies signées de tout accord de restriction ; |
| 17) Indi nyandiko iyo ari yo yose Ikigo gishobora gusaba. | 17) Such other documentation as may be required by the Authority. | 17) tout autre document pouvant être exigé par l'Autorité. |

Ingingo ya 12: Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane ishobora gushyikirizwa Ikigo.

Inyandiko iyo ari yo yose ihamagarira rubanda kugura imigabane itangajwe n'ushyira ku isoko inyandiko igomba kuba yanditseho ku rupapuro rwayo rwa mbere (ukuyemo igifuniko cyayo) amagambo agaragaza kutishingira uburyozwe akurikira yanditse mu nyuguti zigaragara neza kandi zitsindagiye:

“Ikigo cyangwa Isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda nta na kimwe bishobora kuryozwa ku birebana n'ibikubiye muri iyi nyandiko

Article 12: Prospectus Document

The prospectus document must be lodged with the Authority.

Any prospectus document issued by an issuer must carry on the first page of the document (excluding any cover), in a prominent position and in bold type, the following disclaimer:

“The Authority or the Rwanda Stock Exchange (RSE) takes no responsibility for the contents of this document, makes no

Article 12: Prospectus

Le prospectus doit être déposé auprès de l'Autorité.

Tout prospectus émis par un émetteur doit porter sur sa première page (à l'exception de toute couverture), une renonciation suivante avec des mots en caractère gras et bien visibles:

«L'Autorité ou la Bourse des titres du Rwanda ne saurait assumer quelque responsabilité que ce soit par rapport au contenu du présent

kandi nta muntu n'umwe byakizeza ko ibiyikubiyemo ari ukuri kandi ko nta kiburamo kandi ntibishobora na rimwe kugira icyo byaryozwa bitewe n'igihombo cyo mu buryo ubu n'ubu cyaterwa n'amakuru aya n'aya akubiye muri iyi nyandiko cyangwa se icyaterwa no kwiringira ibikubiye muri iyi nyandiko.”

“Ubusabe bwo kwemererwa ku isoko kw'inyandiko nyemezamwenda z'iyi sosiyete rubanda ihamagarirwa kugura hifashishijwe iyi nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane bwashyikirijwe/ buzashyikirizwa ikigo ndetse n'Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda. Kuba Isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda (RSE) rishobora kwemerera gushyira inyandiko za sosiyete ku isoko ry'ibicuruzwa ry'Imari n'Imigabane cyangwa kwemerera gushyira ku isoko ry'ubwumvikane atari ikimenyetso cy'uko umuntu agomba kugirira icyizere icyo kigo cyangwa se izo nyandiko zemerewe gushyirwa ku isoko.”

Ingingo ya 13: Kohereza inyandiko nyemezamwenda

Iyo kwemererwa gushyira inyandiko ku isoko ry'imari n'imigabane bisaba kohereza izo nyandiko abo zigenewe, ushyira ku isoko izo nyandiko agomba gushyikiriza ikigo cy'imari n'imigabane kopi y'ibaruwa yoherejwe mu buryo koranabuhanga yemeza ko izo nyandiko zashoboye koherezwa kandi ko ijanyisha fatizo

representations as to its accuracy or completeness and expressly disclaims any liability whatsoever for any loss howsoever arising from or in reliance upon any part of the contents of this document.”

“Application has been/will be made for listing of the Company's debt securities offered by this prospectus document to the Authority and to the Rwanda Stock Exchange (RSE). The fact that the Rwanda Stock Exchange (RSE), may list the securities of the Company on the RSE OTC market is not to be taken in any way as an indication of the merits of the Company or the listed securities”.

Article 13: Distributions

If the method of listing involves a distribution of securities then, the issuer must furnish the Exchange with an electronic copy of a letter confirming that the distribution has been successful and the required minimum percentage is in public hands and, if requested by the securities exchange, a list containing the name and

document et ne donne aucune garantie quant à son exactitude ou son exhaustivité et rejette expressément toute responsabilité pour toute perte, quelle qu'elle soit, découlant de n'importe quelle partie du contenu du présent document ou du fait de s'y fier.»

«Il est prévu d'adresser/il a été fait la demande auprès de l'Autorité et du Marché des Capitaux du Rwanda pour obtenir la cotation des titres de créance de la société offerts au public dans le présent prospectus. Le fait que la Bourse des Titres du Rwanda peut coter les titres de la Société sur le marché hors cote du Marché des Capitaux du Rwanda ne doit en aucun cas être considéré comme étant l'indication de la pertinence de la Société ou des titres cotés.»

Article 13: Placements

Si la méthode de cotation implique un placement de titres, l'émetteur doit soumettre à la Bourse une copie électronique d'une lettre confirmant que le placement s'est avéré un succès et que le pourcentage minimum requis est détenu par le public et, si la Bourse l'exige, une liste contenant le nom et l'adresse et le nombre de titres reçus par

ryazo ryagenwe rifitwe na rubanda kandi akaba agomba no gutanga urutonde rugaragaza amazina na aderesi bya buri muntu wohererejwe inyandiko ndetse n'umubare w'inyandiko yohererejwe igihe cyose yaba abisabwe n'Ikigo cy'Imari n'Imigabane.

Ingingo ya 14: Ubusabe bwo kwemererwa gushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda

Ubusabe bwo kwemererwa gushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda bugomba kuba bugizwe n'ibaruwa isaba hamwe n'inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane/inyandiko ikubiyemo amakuru akenerwa n'abaguzi mbere y'uko bafata icyemezo cyo kugura kandi izo nyandiko aba ari iz'agateganyo. Iyo nyandiko y'agateganyo ishobora kuba ikubiyemo amakuru akurikira kandi iteye ku buryo bukurikira:

1. Amakuru rusange
 - a. Izina rya nyir'ubusabe, itariki yakoreyeho iyandikisha ndetse n'ahantu yakoreshereje iryo yandikisha;
 - b. Niba iyandikisha ritarakorewe mu Rwanda, kugaragaza itariki nyir'ubusabe yakoreyeho iyandikisha;
 - c. Aderesi z'icyicaro gikuru na aderesi za buri cyicaro kibitsemu igitabo cy'imigabane;
 - d. Inyandiko isaba kwemererwa gushyira ku isoko izo nyandiko inagaragaza n'umubare nyawo w'amafaranga ahwanyeye

address and number of securities received by each person under the distribution.

Article 14: Application to issue a public debt security

An application to issue and list a public debt shall consist of a formal letter of application together with a draft prospectus/information *disclosure document*. The *document* in draft may be incorporated in reference to the following disclosure guidelines and format.

1. General
 - a. Name of applicant and date and place of incorporation;
 - b. If not incorporated in Rwanda, the date on which applicant was registered;
 - c. The address of the registered office and the address of each office where the share register are kept;
 - d. A formal request for the approval of the offer of the securities to be listed with the specification of the nominal amount of the

chaque personne impliquée dans le placement.

Article 14: Demande d'émission d'un titre de dette publique

Une demande d'émission et de cotation d'une dette publique est constituée d'une lettre officielle de demande accompagnée d'un projet de prospectus / document d'information. Ce projet de document peut être soumis selon les directives et le format suivants:

1. Informations d'ordre général
 - a. le nom du requérant, la date et le lieu de sa constitution;
 - b. si le requérant n'est pas constitué au Rwanda, la date à laquelle le requérant a été enregistrée;
 - c. l'adresse du siège social et l'adresse de chaque bureau où le registre des actions est gardé ;
 - d. une demande officielle d'approbation de l'offre des titres à coter avec la spécification de la valeur nominale des

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|---|--|---|
| <p>n'izo nyandiko nyemezamwenda;</p> <p>e. Uburyo buteganijwe bwo gushyira ku isoko izo nyandiko no gusaba ko zemererwa gushyirwa ku isoko ndetse n'amakuru arambuye yerekeye uburyo bugomba gushingirwaho mu kuzitanga no kuzoherereza abo zigenewe niba ubwo buryo buzwi;</p> <p>f. Umutungo bwite w'ushyira ku isoko izo nyandiko;</p> <p>g. Ikigereranyo cy'amafaranga azava mu igurishwa ry'izo nyandiko n'icyo ayo mafaranga ateganywa gukoreshwa;</p> <p>h. Izina ry'isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane iri n'iri inyandiko z'ushyira ku isoko inyandiko zarangije kwemererwa gushyirwaho kandi zikaba zaracurujweho.</p> | <p>securities;</p> <p>e. The proposed method of issuing and listing the securities and details of allotment criteria if known and distribution;</p> <p>f. The net assets of the issuer;</p> <p>g. An estimate of the net proceeds of the issue and the intended use of the proceeds;</p> <p>h. The name of any other stock exchange where the securities of the issuer are already listed and or traded.</p> | <p>titres ;</p> <p>e. la méthode envisagée pour émettre et coter les titres et les détails sur les critères d'attribution une fois connus et le placement ;</p> <p>f. les actifs nets de l'émetteur ;</p> <p>g. une estimation du produit net de l'émission et l'utilisation prévue de ce produit ;</p> <p>h. le nom de toute autre bourse où les titres de l'émetteur sont déjà cotés ou négociés.</p> |
| <p>2. Imari-shingiro na ba nyir'imigabane</p> <p>i. Urutonde rurambuye rugaragaza:</p> <p>a) Inyito n'izina bya buri cyiciro cy'umugabane;</p> <p>b) Umubare w'imigabane yagurishijwe;</p> <p>c) Uburenganzira bwo gutora bufatiye kuri buri mugabane;</p> <p>d) Umubare w'imigabane yatanzwe kandi yarangije kwishyurirwa;</p> <p>e) Imigabane y'abari mu nama</p> | <p>2. Share Capital and ownership</p> <p>i. A tabular list of:</p> <p>a) The title and designation of each class of share;</p> <p>b) The number of shares issued;</p> <p>c) The voting rights attached to each share;</p> <p>d) The amount of issued and fully paid up shares;</p> <p>e) The shareholdings of the directors and</p> | <p>2. Capital social et détention</p> <p>i. une liste sous forme de tableau de ce qui suit :</p> <p>a) l'intitulé et la désignation de chaque catégorie d'actions;</p> <p>b) <u>le</u> nombre d'actions émises;</p> <p>c) <u>les</u> droits de vote attachés à chaque action;</p> <p>d) le montant des actions émises et entièrement libérées;</p> <p>e) les participations des administrateurs et des</p> |

y'ubutegetsi y'ushyira ku isoko inyandiko ndetse n'imigabane ifitwe n'abakozi be;

f) Amazina y'abanyamigabane b'ushyira ku isoko inyandiko bafite nibura imigabane irenga nibura 5% by'imigabane y'ushyira ku isoko inyandiko n'abagurishije iyo migabane;

g) Urutonde rw'abanyamigabane 10 b'ushyira ku isoko inyandiko rugaragaza amatariki bahereweho iyo migabane, ingurane bishyuye ndetse n'umubare w'imigabane bafite.

employees of the issuer;

f) The names all shareholders of the issuer who own 5% or more of the shares of the issuer and their respective issuers;

g) A list of the top 10 shareholders of the issuer including the dates the shares were allotted to them, the consideration they provided and the number of shares that they held.

salariés de l'émetteur ;

f) les noms de tous les actionnaires de l'émetteur qui possèdent plus de 5% des actions de l'émetteur et leurs émetteurs respectifs ;

g) une liste des 10 premiers actionnaires de l'émetteur, y compris les dates auxquelles les actions leur ont été attribuées, la contrepartie qu'ils ont payée et le nombre d'actions qu'ils détenaient.

3. Imikorere yagiye iranga nyir'ubusabe n'ubwoko bw'ibikorwa akora

Kugaragaza mu gika cy'intangiriro amakuru magufi yerekana imiterere rusange y'ibikorwa nyir'ugusaba akora ndetse n'ibikorwa bye by'ubucuruzi. Amakuru magufi yerekeye imikorere yagiye iranga nyir'ugusaba kuva atangira gukora kugeza ku itariko akoreyeho ubusabe. Amakuru asobanura ibikorwa by'ushyira ku isoko inyandiko na sosiyete shami afite cyangwa na sosiyete akorana na zo harimo ibicuruzwa by'ingenzi akora, acuruza cyangwa serivisi atanga cyangwa ishoramari afite, amasoko y'ibanze n'ibikoresho by'ibanze byifashishwa mu gukora ubucuruzi bwe, uburyo bwo gukora imenyekanisha ry'icuruzwa, amafaranga yacuruje muri buri mwaka mu myaka itatu (3) iheruka

3. History and nature of business

Provide short introductory paragraph describing the general nature of the business and products of the applicant. A brief history of the issuer from inception to the date of application. A description of the business undertaken by the issuer and its subsidiaries or associated companies, including principal products manufactured, traded or services rendered or investments held, principal markets for the products and raw materials, method of marketing, annual turnover for the preceding three financial years and for the current financial year to the latest date available.

3. Historique et nature des activités

Donner un petit paragraphe d'introduction décrivant la nature générale des activités et des produits du requérant. Une brève historique de l'émetteur du début à la date de la demande. Une description des activités menées par l'émetteur et ses filiales ou sociétés affiliées, y compris les principaux produits fabriqués, commercialisés ou services rendus ou placements détenus, les principaux marchés pour les produits et les matières premières, les méthodes de commercialisation, le chiffre d'affaires annuel pour les trois exercices précédents et pour l'exercice en cours à l'exercice disponible à la date la plus récente.

y'ibarurumari ndetse n'amafaranga yacurujwe mu mwaka w'ibarurumari kandi iryo barurumari akaba ari iryakozwe ku munsu wa vuba uheruka.

4. AMAKURU YEKEREKEYE IMARI

Mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane/inyangidiko ntanga makuru hagomba kugaragamo raporo z'ibarurumari ngarukamwaka zihurijwe hamwe zakorewe igenzura ndetse n'ifoto y'uko imari ihagaze ndetse n'inyungu n'igihombo byagaragaye.

5. Incamake y'amafaranga yinjijwa

Incamake y'amakuru agaragaza amafaranga yacurujwe, amafaranga yinjizwa yose ahurijwe hamwe iyo nyir'ubusabe afite za sosiyete shami kandi ayo makuru agomba kuba yerekeye imyaka itatu (3) y'imari iheruka kandi kaba agaragaza ibyacurujwe, amafaranga yinjijwe mbere yo gukuramo amafaranga ajyanye n'ubwicingure bw'agaciro, inyungu yatanzwe ndetse n'umusoro watanzwe (niba uhari), amafaranga yatanzwe kuri ubwo bwicingure, kuri izo nyungu no kuri iyo misoro, amafaranga yinjijwe ukuyemo ayagombaga kwishyurwa yose mbere n'amafaranga yatanzwe ku bintu bitari byitezwe, amafaranga yinjijwe ukuyemo ayishyuwe ndetse n'ayinjijwe kuri buri mugabane.

6. Imbonerahamwe igaragaza ifoto y'umutungo

Igaragazwa ry'ifoto y'umutungo kuri buri mwaka

4. FINANCIAL INFORMATION

Audited annual and consolidated accounts prepared on the basis of true and fair view of the assets and liabilities and the financial position and profit and losses must be disclosed in the prospectus/information memorandum.

5. Summary of earnings

A summary of turnover, earnings, on a consolidated basis if the applicant has subsidiaries, for the last three (3) financial years showing sales, earnings before charges for depreciation, interest and tax (if any), the amount of each of those charges, net income before extraordinary items, extraordinary items, net income and earnings per share.

6. Tabulation of balance sheet

A tabulation of its balance sheet for each of the

4. INFORMATIONS FINANCIÈRES

Les comptes annuels vérifiés et consolidés préparés sur base d'une image fidèle et sincère des actifs et des passifs et de la situation financière, les profits et les pertes doivent être communiqués dans le prospectus / note d'information.

5. Résumé de l'état des bénéfices

Un résumé du chiffre d'affaires, de l'état des bénéfices présentés sur une base consolidée si le requérant dispose des filiales, et ce, pour les trois (3) derniers exercices montrant les ventes, les bénéfices avant charges d'amortissements, d'intérêts et d'impôts (le cas échéant), le montant de chacune de ces charges, le résultat net avant éléments exceptionnels, les revenus nets et le bénéfice par action.

6. Présentation du bilan sous forme de tableau

Une présentation de son bilan sous forme de

muri ya myaka itatu (3) y'imari (igihe nyir'ubusabe afite za sosiyete shami) cyangwa se ifoto y'umutungo uhereye igihe yakoreshereje iyandikisha igihe hadashize igihe kigeze kuri iyo myaka itatu kuva iyandikisha rikozwe.

three (3) financial years (consolidated if the applicant has subsidiaries) or from the date of incorporation, if shorter. The tabulation should include a calculation of the net asset value per security for each of the last three (3) financial years.

tableau pour chacun des trois (3) exercices (consolidée si le requérant dispose des filiales) ou à partir de la date de constitution, s'il s'agit de moins de trois exercices. Ce bilan présenté sous forme de tableau doit inclure un calcul de la valeur liquidative par titre pour chacun des trois (3) derniers exercices.

7. Gukora imbonerahamwe igaragaza amafaranga yinjijwe n'ayakoreshejwe

7. Tabulation of Cash flows

7. Présentation sous forme de tableau du flux de trésorerie

Imbonerahamwe yerekana imihindagurikire y'imiterere y'imari y'itsinda muri buri mwaka muri ya myaka itatu (3) y'imari iheruka kandi iyo mihindagurikire ikagaragazwa nk'ifoto yerekana amafaranga yinjijwe n'ayasohotse.

A tabulation showing changes in the financial position of the group over each of the last three financial years in the form of a cash flow statement.

Un tableau retraçant l'évolution de la situation financière du groupe au cours de chacun des trois derniers exercices sous la forme d'un tableau des flux de trésorerie.

8. Ibipimo by'imari

8. Financial ratios

8. Ratios financiers

Raporo y'umucungamari igomba kugaragaza uko ifoto y'umutungo yari ihagaze igihe iki n'iki, inyungu n'igihombo byagaragaye ndetse n'amafaranga ateganijwe kwinjizwa mu mezi cumi n'abiri (12) ari imbere nyuma yo gushyira ku isoko inyandiko no kugaragaza ibipimo by'imari bikurikira byagaragaye mu myaka itatu iheruka:

An accountant's report shall disclose a pro-forma balance sheet, profit and loss account and a cash projection for the next 12 months after the issue and the following financial ratios for the last three years:

Un rapport élaboré par un expert-comptable doit retracer un bilan pro forma, un compte de profits et pertes et une prévision de trésorerie pour les 12 prochains mois à compter de l'émission et les ratios financiers suivants pour les trois derniers exercices.

- a. amafaranga yinjijwe ukuyemo inyungu zagombaga gutangwa n'imisoro;
- b. ijanisha ry'amafaranga ava mu bikorwa ugereranije n'umwenda wose;
- c. ijanisha ry'amafaranga yinjijwe avuye mu banyamigabane ugereranije n'umwenda wose;
- d. igiteranyo cy'amafaranga yinjijwe avuye

- a. earnings before interest and taxes interest cover;
- b. percentage of funds from operations to total debt;
- c. percentage of free cash flow to total debt;
- d. total free cash flow to short-term debt

- a. bénéfice avant intérêts et couverture d'impôts dus aux intérêts;
- b. pourcentage des fonds provenant de l'exploitation par rapport total de la dette;
- c. pourcentage des flux de trésorerie disponibles par rapport à la dette totale;
- d. total des flux de trésorerie disponibles par

mu banyamigabane ugereranije n'imyenda igomba kwishyurwa mu gihe kitarenze umwaka umwe;

e. ikigero cy'inyungu yinjizwa ukuyemo amafaranga aba yakoreshejwe;

f. imyenda igomba kwishyurwa nyuma y'igihe kitari hasi y'umwaka ugereranije n'imari-shingiro yakoreshejwe;

g. umwenda wose ugereranije n'imari bwite.

obligations;

e. net profit margin;

f. long term debt to capital employed;

g. total debt to equity.

rapport aux titres de créance à court terme;

e. marge bénéficiaire nette;

f. dette à long terme par rapport au capital utilisé ;

g. total de la dette par rapport aux capitaux propres.

9. Amasosiyete mfatanyabikorwa ya nyir'ugusaba cyangwa sosiyete shami ze

9. Associated companies or subsidiaries

9. Sociétés associées ou filiales

Urutonde rugaragaza imbonerahamwe ya sosiyete shami zose n'amasosiyete mfatanyabikorwa:

A tabular list of all subsidiaries and associated companies indicating:

Une liste sous forme de tableau de toutes les filiales et sociétés associées indiquant :

(i) izina rya buri sosiyete;

(ii) incamake y'amakuru agaragaza imiterere y'ibikorwa byayo ndetse n'isano bifatanye n'ibikorwa by'ikigo cyose cya nyir'ugusaba;

(iii) Ibyiciro by'imari-shingiro yemewe, yatanzwe kandi yishyuriwe ndetse n'imigabane ushyira ku isoko inyandiko afite muri sosiyete shami cyangwa muri sosiyete mfatanyabikorwa ye.

(i) name of each company;

(ii) a brief statement of the nature of its business and relationship to the operations of the entire enterprise;

(iii) Categories of authorized, issued and paid up share capital, par value and the amount of owned by the issuer in the subsidiary or associate.

(i) le nom de chaque société ;

(ii) un bref exposé de la nature de son activité et sa relation avec les opérations de l'entreprise dans son ensemble ;

(iii) les catégories du capital social autorisé, émis et libéré, la valeur nominale et le montant des actions détenues par l'émetteur dans la filiale ou la société associée.

10. Umutungo

Kugaragaza mu ncamake imiterere y'umutungo wa nyir'ugusaba ndetse na sosiyete shami ze cyangwa sosiyete mfatanyabikorwa ze

10. Properties

Brief description of the nature of properties of the applicant and its subsidiaries or associated companies outlining the following:

10. Biens

Une brève description de la nature des biens du requérant et de ses filiales ou sociétés associées décrivant ce qui suit:

hagaragazwa ibintu bikurikira:

- (i) aho uwo mutungo uherereye;
- (ii) ubutaka n'ubuso bwabwo;
- (iii) umubare w'inyubako;
- (iv) ubuso mbumbe bw'inyubako;
- (v) niba uwo mutungo ari umutungo bwite cyangwa niba ukodeshwa no kugaragaza amafaranga yatanze mu gukodesha mu myaka y'ibaruramari itatu (3) iheruka ndetse n'ikigereranyo cy'imyaka.

11. Ibirego mu nkiko

Hagomba gutangwa amakuru yose yerekeye imanza cyangwa ibirego bigaragara bireba nyir'ugusaba cyangwa bireba sosiyete mfatanyabikorwa ze kandi izo manza cyangwa ibyo birego bikaba bigomba kuba byarabaye mu myaka itanu (5) iheruka cyangwa se bikaba biriho cyangwa bikaba bishobora kuba kuri umwe mu bagize iryo tsinda nyir'ugusaba akorana na ryo cyangwa se hakaba hari ikintu yaba avugwaho kitari cyiza kandi gifite ishingiro.

12. Ubuyobozi

- (i) Kugaragaza amazina yose n'aderesi ndetse n'ubumenyi (ibyo yize cyangwa aho afite ubuzobere cyangwa inshingano afite) bya *buri wese mu bagize Inama y'Ubutegetsi* cyangwa *mu bateganijwe kubabo* cyangwa *umuntu* uwo ari we wese ukora umurimo

- (i) Location;
- (ii) land area;
- (iii) number of buildings;
- (iv) aggregate floor area of buildings;
- (v) whether property is owned or leased, and if leased, rental amounts for each of the three (3) preceding financial years and the average term of years.

11. Litigation

Particulars of any litigation or legal claims of material importance made against the applicant or its associated companies in the last five (5) years or which is outstanding or threatened against any member of the group, or an appropriate negative statement.

12. Management

- (i) Provide the full name, residential address and description (qualifications or area of expertise or responsibility) of every *director* or proposed *director* and any *person* who performs an important administrative, management or supervisory function and particulars of the

- (i) l'emplacement ;
- (ii) la superficie;
- (iii) le nombre de bâtiments;
- (iv) la surface brute de plancher des bâtiments ;
- (v) si ces biens sont possédés ou loués, indication, si pris en location, des montants de location pour chacun des trois (3) exercices précédents et la moyenne du nombre des années.

11. Litige

Il importe de donner des précisions sur des litiges ou plaintes en justice quelconques d'envergure contre le requérant ou ses sociétés affiliées au cours des cinq (5) dernières années ou qui sont en suspens ou allégués contre un membre du groupe ou une déclaration négative appropriée.

12. Direction

- (i) indiquer le nom complet, l'adresse résidentielle et décrire (qualifications ou domaine d'expertise ou de responsabilité) de chaque administrateur ou administrateur proposé et toute personne qui exerce les fonctions importantes d'administration, de direction ou de supervision et les détails

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|--|--|---|
| <p>ugaragara w'ubuyobozi, w'imicungire cyangwa w'ubugenzuzi ndetse n'amakuru yerekeye imirimo y'ingenzi yakozwe na buri wese muri abo bagize iryo tsinda;</p> | <p>principal functions performed by each of them within the group;</p> | <p>sur les principales fonctions exercées par chacun d'entre eux au sein du groupe ;</p> |
| <p>(ii) Imiterere y'isano iyi n'iyi yo mu muryango iri hagati y'abantu bavuzwe haruguru;</p> | <p>(ii) The nature of any family relationship between the <i>persons</i> mentioned above;</p> | <p>(ii) la nature de tout lien familial entre les personnes mentionnées ci-dessus ;</p> |
| <p>(iii) Incamake igaragaza ibikorwa by'ubucuruzi buri wese muri <i>abo bantu</i> yakoze mu myaka itanu (5) ishize;</p> | <p>(iii) A brief account of the business experience of each of these <i>persons</i> during the last five years;</p> | <p>(iii) un bref compte rendu de l'expérience dans les affaires de chacune de ces personnes au cours des cinq dernières années;</p> |
| <p>(iv) Kugaragaza sosiyete iyo ari yo yose yemerewe gucuruza ku isoko ry'imari n'imigabane buri wese mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa buri wese uteganijwe kujya mu nama y'ubutegetsi abereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi;</p> | <p>(iv) Indicate any other directorships held by each director or proposed director in any publicly listed or traded companies;</p> | <p>(iv) indiquer tout autre société cotée ou faisant appel public à l'épargne dans laquelle chaque administrateur ou administrateur proposé est membre du Conseil d'administration;</p> |
| <p>(v) Kugaragaza niba uri mu bagize inama y'ubutegetsi uyu n'uyu cyangwa uteganijwe kujya mu nama y'ubutegetsi uyu n'uyu hari aho yaba yarahamijwe icyaha mu manza nshinjabyaha cyangwa se niba harigeze hatangwa ikirego gisaba kwemeza ko yahombye cyangwa se igisaba kwemeza ko itsinda arimo ryahombye cyangwa kwemeza ko sosiyete iyi n'iyi yari abereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi ikaba ari iyo yatangiwe icyo kirego cyo kwemeza ko yahombye cyangwa se iyo sosiyete</p> | <p>(v) State if any director or proposed director has, in any jurisdiction, been convicted in any criminal proceeding or has had a bankruptcy petition filed against him or any partnership in which he was a partner or anybody corporate of which he was a director or has been sanctioned or otherwise disciplined by any self regulatory securities association of which he is or has been a member or any securities supervisory or regulatory body or any such event is pending.</p> | <p>(v) indiquer si un quelconque administrateur ou administrateur proposé a, dans n'importe quel ressort, été condamné dans une procédure pénale ou a fait l'objet d'une demande d'ouverture de la procédure de faillite déposée contre lui ou toute société de partenariat dans laquelle il a été un partenaire ou un quelconque entreprise dont il a été administrateur ou a été sanctionné ou fait l'objet des mesures disciplinaires imposées par une association des titres d'auto-régulation dont il est ou a été membre ou un quelconque organe de</p> |

ikaba yarahombye cyangwa igahabwa igihano cyo mu rwego rw'imyifatire gitanzwe n'ishyirahamwe rigamije kwigenzura rihuje abacuruza inyandiko z'agaciro ku isoko ry'imari n'imigabane yari abereye umunyamuryango cyangwa se gitanzwe n'urwego ngenzuzi cyangwa nkurikiranamikorere cyangwa se icyo kirego n'icyo gihano bikaba bigifite agaciro.

supervision ou de réglementation des titres ou si cette situation est en suspens.

13. Abafasha kuzuza ibyangombwa biba bikenewe mbere yo kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane, Abajyanama, abanyamabanki, n'abandi

13. Sponsors, Advisers, bankers, etc

13. Sponsors, Conseillers et Banquiers, etc.

- (i) Amazina na aderesi by'abafasha ushyira ku isoko inyandiko kuzuza ibyangombwa biba bikenewe mbere yo kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane, iby'abajyanama be mu by'imari, iby'abanyamabanki b'ingenzi akorana na bo, iby'umujyanama yihitiyemo, iby'umwanditsi w'imigabane ye/iby'ushinzwe ihererekanya ry'imigabane ye n'iby'abajyanama be mu by'amategeko;
- (ii) Izina na aderesi by'abagenzuramari b'ushyira ku isoko inyandiko ndetse n'amashuri bize ajyanye n'uwo murimo bakora.

- (i) Names and addresses of the issuer's sponsor, financial advisers, principal bankers, nominated adviser, share registrar / transfer agent and legal advisers;
- (ii) Name, address and professional qualification of the issuer's auditors.

- (i) les noms et adresses du sponsor, des conseillers financiers, des principaux banquiers, d'un conseiller désigné, registre des actions/agent chargé de la cession et des conseillers juridiques de l'émetteur ;
- (ii) le nom, l'adresse et la qualification professionnelle des auditeurs de l'émetteur.

14. Kugaragaza amabwiriza adashobora kubahirizwa

Kugaragaza inyandiko igaragaza ibwiriza iri n'iri nyir'ugusaba adashobora kubahiriza ndetse n'impamvu zirambuye zigaragaza impamvu asaba gukurirwaho kubahiriza ibisabwa bisanzwe bikurikizwa cyangwa guhindurirwamo bimwe.

15. Guhamya mu magambo ukuri kw'ibintu

Ushyira ku isoko inyandiko ahamya mu magambo ukuri ku makuru atanze akemeza ko:

- (1) nk'uko bigaragara mu ibaruwa ye y'ubusabe, yubahirije ibisabwa byose ndetse n'inyandiko ze zirebwa n'ubusabe zikaba zarubahirije ibisabwa kugira ngo umuntu ashyire ku isoko imigabane bivugwa muri aya Mabwiriza igihe cyose bicyubahirizwa kandi bigasaba kubahirizwa no gukurikizwa mbere yo gutanga ubusabe;
- (2) azagaragaza amakuru yose agomba gushyirwa mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane/ inyandiko itanga amakuru nk'uko bisabwa n'aya Mabwiriza (nyuma yo kwemererwa gutanga inyandiko, kuzohereza n'imigabane fatizo rubanda rugomba kuba rufite na nyuma yo gutanga amakuru yerekeye abanyamigabane);

14. Statement of non-compliance

A statement of any of the Rules which cannot be met by the applicant and detailed arguments to support any request for a waiver or modification of the normal requirements.

15. Declaration

A declaration that to the best of the issuer's knowledge, information and belief:

- (1) save as specified in the application letter, all the qualifications for issuance set out in this regulation, in so far as applicable and required to be met and fulfilled prior to application, have been met or fulfilled in relation to the issuer and the securities of the issuer the subject of the application;
- (2) that all information required to be included in the prospectus/information memorandum document pursuant to this regulation (on confirmation of allotment, distribution and minimum holding by the public and information on shareholders) will be included;

14. Déclaration de non-conformité

Une indication de l'un des Règlements que l'émetteur ne peut respecter et les arguments détaillés pour appuyer toute demande de dérogation ou de modification des conditions normales.

15. Déclaration

Une déclaration par laquelle l'émetteur déclare qu'au meilleur de sa connaissance:

- (1) conformément à ce qui est énoncé dans la lettre de demande, toutes les qualifications requises pour l'émission énoncées dans les présents règlements, dans la mesure où elles s'appliquent et devant être respectées et remplies avant la demande, ont été satisfaites ou remplies en ce qui concerne l'émetteur et les titres de l'émetteur faisant l'objet de la demande;
- (2) tous les renseignements devant être inclus dans le prospectus/note d'information conformément aux présents règlements (à la confirmation de l'attribution, de la distribution et de la détention minimale par le public et des informations aux actionnaires) seront inclus;

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

(3) nta yandi makuru yaba ataratanze yerekeye ubusabe bwe bwo kwemererwa gushyira inyandiko ze ku isoko abonako agomba kumenyeshwa abashoramari.

(3) that there are no other facts bearing on the issuer's application for issuance which, in the issuer's opinion should be disclosed to investors.

(3) il n'y a pas d'autres faits portant sur la demande d'émission soumise par l'émetteur qui, de l'avis de l'émetteur, doivent être communiqués aux investisseurs.

Ingingo ya 15: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza

Ingingo zose z'amabwiriza zibanziriza aya Mabwiriza kandi zinyuranye nay o zikuweho.

Ingingo ya 16: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku muni atangarijweho mu Igazetti ya Leta ya Repubulika y'uRwanda.

Kigali, kuwa 05/08/2013

(sé)
Molly Rwigamba,
Umuyobozi w'ungirije w'Inama y' Ubutegetsi

(sé)
Robert C. Mathu,
Umuyobozi Mukuru

Article 15: Repealing inconsistent provisions

All prior regulatory provisions contrary to these regulations are hereby repealed.

Article 16: Commencement

This regulation shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 05/08/2013

(sé)
Molly Rwigamba,
Vice Chairperson, Board of Directors

(sé)
Robert C. Mathu,
Executive Director

Article 15: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions réglementaires antérieures contraires aux présents Règlements sont abrogées.

Article 16: Entrée en vigueur

Les présents Règlement entrent en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 05/08/2013

(sé)
Molly Rwigamba,
Vice Président du Conseil d'Administration

(sé)
Robert C. Mathu,
Directeur Général

**UMUGEREKA WA I: IBYO UGIZE INAMA
Y'UBUTEGETSI AHAMYA MU MAGAMBO
KO ARI UKURI N'IBYO YIYEMEZA**

**ANNEX I: DIRECTOR'S DECLARATION
AND UNDERTAKING**

**ANNEXE I: DÉCLARATION ET
ENGAGEMENT DE L'ADMINISTRATEUR**

IHAMYA RY'UKURI

DECLARATION

DÉCLARATION

- | | | |
|---|---|---|
| <p>1) Kugaragaza :</p> <ul style="list-style-type: none">a) Izina risanzwe n'andi mazina asanzwe yaba yarigeze kwitwa ;b) Izina cyangwa amazina ya gikirisitu ndetse n'irindi zina cyangwa andi mazina ya gikirisitu yaba yarigeze kwitwa ;c) Itariki y'amavuko;d) Aderese z'aho abarizwa;e) Ubwenehugu bwe n'ubundi bwenehugu yigeze kugira niba buhari ;f) Amashuri yize, niba yarayize. <p>2) Kugaragaza ahandi ugize inama yawe y'ubutegetsi yabaye umwe mu bagize Inama y'ubutegetsi no kuvuga amazina ya za sosiyete cyangwa ibigo yabayemo umwe mu bagize inama y'ubutegetsi n'itariki yagiriye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi no kugaragaza imiterere y'ibikorwa by'izo sosiyete cyangwa ibyo bigo.</p> | <p>1) Indicate:</p> <ul style="list-style-type: none">a) Surname and any former names;b) First name(s) and any former first name(s);c) Date of birth;d) Residential address;e) Nationality and former nationality if any;f) Professional qualifications if any. <p>2) State your other director or alternate directorships and disclose the names of those companies or corporations and the date you were appointed director plus the nature of their business.</p> | <p>1) Indiquer:</p> <ul style="list-style-type: none">a) Nom et tous noms anciens ;b) prénom (s) et tout autre prénom (s) ancien (s) ;c) date de naissance ;d) adresse de résidence ;e) la nationalité et la nationalité antérieure, le cas échéant ;f) les qualifications professionnelles, le cas échéant. <p>2) Indiquez d'autres sociétés ou entreprises dans lesquelles vous êtes administrateur ou administrateur suppléant et la date à laquelle vous avez été nommé administrateur ainsi que la nature de leurs activités.</p> |
|---|---|---|

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|--|--|---|
| 3) Kuvuga niba hari urukiko rwaguciriye urubanza ruhamyako wahombye. Niba byarabayeho, vuga urwo rukiko rwemeje ko wahombye kandi niba warakomorewe vuga itariki wakomoreweho n'uburyo wakomorewemo. | 3) State whether you have ever been adjudged bankrupt in any jurisdiction? If so, state the court that declared you bankrupt and, if discharged, the date and conditions on which you were granted your discharge. | 3) Indiquer si vous avez déjà été déclaré en état de faillite par une juridiction quelconque. Si tel est le cas, indiquer la juridiction qui vous a déclaré en état de faillite et si vous avez été innocenté, indiquer la date et les conditions dans lesquelles on vous avez été innocenté. |
| 4) Gutanga amakuru yerekeye ibyemezo wafatiwe n'inkiko utubahirije bikaba bigifite agaciro, niba bihari. | 4) Give particulars of any unsatisfied outstanding judgments against you, if any. | 4) Donner des détails sur tout jugement non exécutés en suspens prononcé contre vous, le cas échéant. |
| 5) Ese hari ikigo waba wari ubereye umwe mu bagize inama yacyo y'ubutegetsu cyaba cyarategetswe guseswa kikaba cyarashyiriweho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa kigashyirirwaho umuntu ugicunga igihe kiri mu gihombo? Ese hari itsinda ry'ubufatanyabucuruzi wari urimo ryategetswe guseswa cyangwa umutungo waryo ugafatirirwa n'urukiko igihe wari uririmo (cyangwa mu mezi 12 aheruka)? Niba byaragenze gutyo, vuga izina ry'iryo tsinda, imiterere y'ibikorwa byaryo, itariki imirimo y'isesa yatangiriyeho, igihe ryashyiriweho umucungamutungo w'agateganyo cyangwa umuntu uricunga igihe riri mu gihombo ndetse n'amafaranga byasabye hanagaragazwa amafaranga yinjijwe cyangwa uko ibintu bihagaze. | 5) Has any corporation been put into compulsory liquidation where or had an administrator or receiver appointed during the period when you were one of its directors? Has any partnership been put into compulsory liquidation or been sequestrated during the period when you were (or within the preceding 12 months had been) one of its partners? If so, in each case state the name, nature of business, date of commencement of winding up, administration or receivership and the amount involved together with an indication of the outcome or current position. | 5) Y a-t-il une société qui a été mise en liquidation judiciaire ou qui s'est vu assigner un curateur ou un syndic de faillite nommé pendant la période où vous étiez l'un de ses administrateurs? Y a-t-il un partenariat qui a été mis en liquidation judiciaire ou sous séquestre pendant la période où vous étiez (ou qui l'a été dans les 12 mois précédents), un de ses partenaires? Si oui, indiquez chaque fois le nom, la nature de ses activités, la date de début de la liquidation, du redressement ou de mise sous séquestre et le montant en cause ainsi qu'une indication du résultat ou de la situation actuelle. |
| 6) Ese hari igihe wowe ubwawe cyangwa se ikigo wari ubereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsu, wari mu bayobozi | 6) Have you at any time or has a corporation of which you were a Director, shadow Director or alternate Director at the time of | 6) Avez-vous, à un moment quelconque, ou une société dont vous étiez un administrateur, un administrateur de fait ou |

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

bacyo ukora nk'umwe mu bagize inama y'ubutegetsi yacyo cyangwa uri umuhagararira w'umwe mu bagize inama y'ubutegetsi yacyo igihe hakorwaga icyaha wowe ubwawe ukaba warahamijwe icyaha n'urukiko mpanabyaha cyangwa icyo kigo kigahamwa n'icyo cyaha cyangwa icyo akaba ari icyaha giteganijwe n'amategeko yerekeye amasosiyete y'ubucuruzi. Ibyo bihano byose urukiko rwatanze bigomba kugaragazwa kabone n'ubwo byaba ari "ibihano byarangijwe". Niba ari gutyo byagenze vuga urukiko rwaguhamije icyaha cyangwa rwahamije icyaha icyo kigo, igihe icyo gihano cyatangiwe ndetse n'amakuru yose yerekeye icyo cyaha cyakozwe ndetse n'igihano cyatanzwe.

- 7) Ese hari ubwo urukiko rwaba rwarakwangiye kuba umwe mu bagize inama y'ubutegetsi y'ikigo iki n'iki cyangwa kuba umwe mu bayobozi b'ikigo iki n'iki cyangwa mu bashinzwe kuyobora ibikorwa by'ibigo ibi n'ibi? Niba byaragenze gutyo, sobanura uko byagenze.
- 8) Ese hari ubwo waba warangiwe ahantu aha n'aha kuba umwe mu bagize urwego uru n'uru ruhuza abakora umwuga umwe, mu ishyirahamwe ry'ubucuruzi, mu kigo cyangwa ishyirahamwe cyangwa mu isoko ry'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa se ugahagarikwamo cyangwa ugahabwamo ibihano

an offence, been convicted in any jurisdiction of any criminal offence or an offence under the legislation relating to companies. All such convictions must be disclosed even though they may now be "spent convictions". If so state the court by which you were or corporation was convicted, the date of the conviction and full particulars of the offence and the penalty imposed.

- 7) Have you ever been disqualified by a court from acting as a Director of a corporation, or from acting in the management or conduct of the affairs of any corporations? If so, give full details.
- 8) Have you, in any jurisdiction, been refused admission to or renewal of membership of any professional body, trade society, institution or association, or stock exchange or been censured or disciplined or had membership withdrawn by any such body to which you belong or belonged or have you held a practicing certificate subject to

un administrateur suppléant au moment de l'infraction, été reconnu coupable d'une infraction pénale quelconque dans une quelconque juridiction ou d'une infraction en vertu de la législation relative aux sociétés commerciales. Toutes ces condamnations doivent être énoncées même si elles peuvent avoir été «exécutées». Si tel est le cas, indiquer la juridiction qui vous a condamné ou qui a condamné cette entreprise, la date de la condamnation et les détails sur l'infraction et la peine imposée.

- 7) Avez-vous déjà été interdit par une juridiction d'agir en qualité d'administrateur d'une société ou de participer dans la gestion ou la conduite des affaires d'une société quelconque? Si oui, donnez tous les détails.
- 8) Avez-vous fait l'objet d'un refus quelconque d'adhérer ou de renouveler l'adhésion à un ordre professionnel, à une société de commerce, à une institution ou association ou à une bourse ou de censure ou de mesures disciplinaires ou de retrait d'adhésion par un tel organe auquel vous appartenez ou apparteniez ou avez-vous

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

by'imyitwarire cyangwa ukirukanwamo kandi ubu uri umunyamuryango cyangwa ukaba wari umunyamuryango cyangwa ukangirwa kongererwa igihe cyo kuba umunyamuryango wa rumwe muri urwo rwego cyangwa ukaba wari ufite icyemezo cyo gukora ariko hari ibyo utemererwagukora? Niba byaragenze gutyo, sobanura uko byagenze.

conditions? If so, give full details.

détenu un certificat d'exercice assorti des conditions? Si oui, donnez les détails.

Njyewe umwe mu bagize Inama y'Ubutegetsi ya("Ushyira ku isoko inyandiko") nemeje mbikuye ku mutima (nyuma yo gukoresha ubushishozi bwose bushoboka) ko ibisubizo ntaze ku bibazo byose bivugwa haruguru ari ukuri kandi nkaba mpaye Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane (uretse igihe byaba biteganijwe ukundi) uburenganzira bwo gutangaza amakuru ayo ari yo yose natanze kikayamenyesha ufasha kuzuba ibyangombwa biba bikenewe mbere yo kubona amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane ukorera ikigo mbereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi cyangwa se kikayamenyesha ibigo cyumvako ari ngombwako kiyamenyesha.

IDirector of("the issuer") declare that to the best of my knowledge and belief (having taken all reasonable care to ensure that such is the case) the answers to all the above questions are true and I hereby give my authority (save where expressly provided otherwise) to CMA to disclose any of the foregoing particulars given by me to the sponsor of any corporation of which I am *director* and /or such bodies as the RSE may, in its absolute discretion think fit.

Je soussigné.....Administrateur de(«l'émetteur») déclare qu'au meilleur de ma connaissance (ayant mis tout le soin raisonnable pour garantir qu'il en soit ainsi) les réponses à toutes les questions ci-dessus sont vraies et j'autorise par la présente (sauf disposition contraire expresse) l'Autorité des Marchés des Capitaux à divulguer les renseignements qui précèdent que je donne au sponsor d'une société dont je suis administrateur et / ou des organes que le Marché des Capitaux du Rwanda (RSE) peut, à son entière discrétion, estimer appropriés.

KWIYEMEZA INSHINGANO

UNDERTAKING

ENGAGEMENT

Mu rwego rwo gukoresha ububasha bwanjye no kubahiriza inshingano zanjye nk'umwe mu bagize inama y'ubutegetsi, niyemeje:

I hereby undertake that in the exercise of my powers and duties as such a director, I shall:

Je m'engage par la présente à exercer mes devoirs et attributions en tant qu'administrateur en :

- a. kubahiriza uko nshoboye kose no mu gihe cyose ari ngombwa amategeko

- a. Comply to the best of my ability with the laws and regulations of CMA from time

- a. respectant au mieux de mes compétences les lois et règlements de l'Autorité des Marchés des

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

n'amabwiriza y'Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) kandi nkamenyesha Ushyira ku isoko inyandiko amakuru yose akeneye kugira ngo yubahirize inshingano ze zo kugaragaza imigabane y'abagize inama y'ubutegetsi;

- b. Gukora ibishoboka byose kugira ngo Ushyira ku isoko inyandiko yubahirize buri gihe cyose ari ngombwa amategeko n'amabwiriza y'isoko ry'imari n'imigabane.

Bikozwe kuri uyu muni wa

Umukono:

Izina.....

to time in force and disclose to the Issuer all information which the issuer needs in order to comply with its obligations to disclose directors' share of interests;

- b. Use my best endeavors to ensure that the issuer complies with laws and regulations of capital market from time to time in force.

Dated thisay of

Signature:

Name

Capitaux (CMA) mis en vigueur de temps à autre et en communiquant à l'émetteur toutes les informations dont il a besoin pour s'acquitter de ses obligations de communiquer la quote-part des intérêts des administrateurs;

- b. en faisant tout mon possible pour faire en sorte que l'émetteur se conforme aux lois et règlements du marché des capitaux mis en vigueur de temps à autre.

Daté ce jour du

Signature:

Nom

**UMUGEREKA WA II: KWIYEMEZA
INSHINGANO BIKOZWE N'USHYIRA KU
ISOKO INYANDIKO**

ANNEX II: ISSUER'S UNDERTAKING

**ANNEXE II: ENGAGEMENT DE
L'ÉMETTEUR**

Inyandiko yo kwiyeemeza inshingano Ushyira ku isoko inyandiko agomba gukora igihe atanga ubusabe bwo kwemererwa gushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda.

Form of Issuer's undertaking that is required to be entered into by an Issuer in support of an application for an issuance of debt securities.

Formulaire d'engagement de l'émetteur qui doit être pris par un émetteur à l'appui de sa demande d'émission des titres de créance.

BIGENEWE: Ikigo Gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane

TO: Capital Market Authority

DE : (Émetteur)

Agasanduku k'iposita
Kigali

PO Box
Kigali

À: l'Autorité des Marchés des Capitaux

B.P
Kigali

BIRAVA : (Ushyira ku isoko inyandiko)

FROM : (Issuer)

Dushingiye ku kuba Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'imigabane (CMA) cyaratwemereye kugurisha inyandiko nyemezamwenda kuri rubanda no gushyira izo nyandiko ku isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;

In consideration of the CMA granting our approval to issue and listing on the capital markets;

Vu la décision de l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) d'approuver notre demande d'émission et de cotation sur les marchés de capitaux ;

1. Twemejeko inyandiko zacu zizaguma ku isoko ry'imari n'imigabane igihe tuzaba tubyemerewe gusa n'Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda kandi twiyemeje kubahiriza *Amabwiriza ariho agenga kwemerera inyandiko ku isoko ry'imari n'imigabane* igihe cyose azaba atangajwe n'amasoko y'imari n'imigabane kandi twiyemeje ku buryo bw'umwihariko kubahiriza amabwiriza agenda ashyirwaho

1. We acknowledge that our securities shall remain listed only at the pleasure of Rwanda Stock Exchange, and that we undertake and agree to comply with the *Listing Rules* in force from time to time as issued by the capital markets and in particular undertake and agree to comply with the *continuing obligations* as set out in the *laws and regulations* of the capital market.

1. Nous sommes conscients que nos titres resteront cotés à la seule discrétion du Marché des Capitaux du Rwanda et nous engageons et acceptons de respecter les Règles de cotation mises en vigueur de temps à autre et édictées par les marchés des capitaux et nous engageons et acceptons en particulier de respecter les obligations continues énoncées dans les lois et règlements du marché des capitaux.

ndetse n'amategeko n'amabwiriza yerekeye isoko ry'imari n'imigabane.

- | | | |
|--|---|--|
| <p>2. Twijeje Ikigo Gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) ko ishyirwa ku isoko ry'inyandiko zacu nyemezamwenda zubahirije amategeko agenga ishyirwa ku isoko ryazo kandi ko zitashyizweho hagamiye kurenga ku mategeko bityo akaba ari nta mpamvu yari gutuma izo nyandiko zangirwa kwemererwa gushyirwa ku isoko ry'imari n'imigabane.</p> | <p>2. Warrant to CMA that the issue of the debt securities complies with the law applicable to the issue, and was not for an illegal purpose and that there is no reason why the <i>securities</i> should not be granted approval.</p> | <p>2. Nous garantissons à l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) que l'émission des titres de créance est conforme à la loi applicable à l'émission et que les titres n'ont pas été émis à des fins illégales et qu'aucune raison ne saurait justifier le refus d'accorder l'approbation.</p> |
| <p>3. Tuzi nezako Ikigo Gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) kigomba gushingira ku nyandiko no ku makuru atangwa nk'uko bisabwa <i>n'amategeko n'amabwiriza</i> biba bigomba guherekeza uku kwiyezeza inshingano. Twemejeko izo nyandiko n'ayo makuru ari ukuri kandi byuzuye.</p> | <p>3. We acknowledge that CMA is relying on the documents and information required by the <i>laws and regulations</i> to be supplied together with this undertaking. We warrant that these documents and information are true and complete.</p> | <p>3. Nous sommes conscients que l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) se fie aux documents et aux renseignements requis par les lois et règlements et qui doivent accompagner le présent engagement. Nous garantissons que ces documents et renseignements sont exacts et complets.</p> |
| <p>4. Twiyemeje guha no kuzakomeza guha Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'imigabane (CMA) indishyi yose ishoboka iteganywa n'amategeko ku birebana n'ikirego icyo ari cyo cyose, cyangwa amafaranga ayo ari yo yose cyakoresha igihe tutubahirije inshingano twiyemeje zivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 bivugwa haruguru.</p> | <p>4. We indemnify and will continue to indemnify CMA to fullest extent permitted by law in respect of any claim, action or any expense arising from, or connected, with any breach of our warranty set out in 2 and 3 above.</p> | <p>4. Nous dédommageons et continuerons de dédommager l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) dans toute la mesure où la loi l'autorise à l'égard de toute réclamation, action ou toute dépense issue ou liée à une violation quelconque de notre engagement visé aux points 2 et 3 ci-dessus.</p> |
| <p>5. Twemera kandi ko inyandiko iyo ari yo yose twahaye Ikigo gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane (CMA) ari umutungo wacyo</p> | <p>5. We acknowledge that any document given to CMA becomes the property of the CMA and that CMA may deal with it as it wishes,</p> | <p>5. Nous sommes conscients que tout document remis à l'Autorité des Marchés des Capitaux devient sa propriété et que</p> |

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

bityo kikaba gishobora gukoresha iyo nyandiko mu buryo ubu n'ubu bitewe n'uko kibyifuzwa harimo no kuba cyatangarizwa rubanda iyo nyandiko.

including dissemination of the document to the public.

l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) peut en disposer librement et ainsi entre autres diffuser ce document au public.

Bikozwe kuri uyu muni wa

Dated this.....day of.....

Daté ce jour du...

Bishyizweho umukono na : (Ushyira ku isoko inyandiko)

Executed by: (Issuer)

Exécuté par: (Émetteur)

(umukono ugomba gushyirwa muni ya kashe y'Ushyira ku isoko inyandiko)

(execution must be under issuer's seal)

(l'exécution doit porter le seu de l'émetteur)

**UMUGEREKA WA III: IBYO UFASHA
KUZUZA IBYANGOMBWA BIBA
BIKENEWE MBERE YO KUBONA
AMAFARANGA KU ISOKO RY'IMARI
N'IMIGABANE YIYEMEZA**

ANNEX III: SPONSOR'S DECLARATION

ANNEXE III: DÉCLARATION DU SPONSOR

BIGENEWE: Ikigo Gishinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane

TO: Capital Market Authority

À: L'Autorité des Marchés des Capitaux

Agasanduku k'iposita
Kigali

PO Box
Kigali

B.P
Kigali

Bwana,
Twebwe,

Dear Sir,
We,

Cher Monsieur,
Nous,

..... abafasha.....
.....
..... {Izina ry'Ushyira ku isoko inyandiko}kuzuza
ibyangombwa biba bikenewe mbere yo kubona
amafaranga ku isoko ry'imari n'imigabane;

..... being
Sponsor
to.....
..... {Name of issuer}

..... en notre qualité de
Sponsor
de.....
..... {Nom de l'émetteur}

Twemejeko:

Hereby declare that:

Déclarons par la présente que:

1. Ku birebana no guhamagarira rubanda kugura imigabane no kugurisha

1. Offers for subscription and offers for sale

1. Offres à la souscription et offres à la vente

Igihe igurisha rizatangirira ku Isoko ry'Imari n'Imigabane nibura umubare wa ba nyir'inyandiko nyemezamwenda uvugwa muri aya Mabwiriza agenga inyandiko nyemezamwenda uzaba ufitwe na rubanda.

To the best of our knowledge and belief, at the time trading commences on the Exchange at least the number of debt holders as specified in this regulation of the debt securities will be in the hands of the public.

Au meilleur de notre connaissance, au moment du début de la négociation à la Bourse au moins le nombre de titres de créance indiqué dans les présents règlements sera détenu par le public.

2. Ku birebana n'itangwa

2. Placing

2. lacement

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

Inyandiko nyemezamwenda zatanzwe ku buryo bukurikira:	To the best of our knowledge and belief, the securities have been placed as follows:	Au meilleur de notre connaissance, les titres ont été placés comme suit:
Umubare w'aho zatanzwe..... Umubare w'inyandiko nyemezamwenda zatanzwe.....	No. of places..... No. of debt securities placed.....	No. des lieux de placement..... No. des titres de créance placés.....
[Fata urundi rupapuro ruri ukwarwo wandikeho niba ari ngombwa];	[Use separate sheet if necessary];	[Utiliser une feuille séparée si nécessaire]; et
3. Ingingo rusange	3. General	3. Informations d'ordre général
(1) Nyuma yo gukoresha ubushishozi no kugenzura Ushyira ku isoko inyandiko ndetse n'abajyanama be, ushyira ku isoko inyandiko yujuje ibisabwa byose mbere yo gushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda ndetse n'ibindi byose byagaragajwe ko ari ngombwa.	(1) To the best of our knowledge and belief, having made due and careful enquiry of the issuer and its advisers, the issuer has satisfied all relevant conditions for issuance of debt securities and other relevant requirements.	(1) Au meilleur de notre connaissance, après enquête raisonnable et minutieuse sur l'émetteur et ses conseillers, l'émetteur a satisfait à toutes les conditions requises émettre les titres de créance et à d'autres conditions applicables.
(2) Nyuma yo gukoresha ubushishozi no kugenzura Ushyira ku isoko inyandiko ndetse n'abajyanama be:	(2) To the best of our knowledge and belief, having made due and careful enquiry of the issuer and its advisers:	(2) Au meilleur de notre connaissance, après enquête raisonnable et minutieuse sur l'émetteur et ses conseillers:
(i) Inyandiko zose zisabwa mbere yo gushyira inyandiko ku isoko zigomba guherekeza ubusabe bwo kwemererwa gushyira inyandiko ku isoko zashyikirijwe Ikigo;	(i) All the documents required for issuance to be included in the application for approval of issuance have been supplied to the Authority;	(i) Tous les documents requis pour l'émission devant être inclus dans la demande d'approbation de l'émission ont été remis l'Autorité;
(ii) Ibindi byose bisabwa kubahirizwa mbere yo gushyira inyandiko nyemezamwenda ku isoko byubahirijwe;	(ii) All other relevant requirements for issuance of debt securities have been complied with;	(ii) Toutes les autres conditions applicables relatives à l'émission des titres de créance ont été respectées;

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

- | | | |
|---|---|--|
| <p>(iii) Nta bindi bintu bitari ibyavuzwe mu nyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane/inyangandiko itanga amakuru cyangwa se bitari ibyashyikirijwe Ikigo gishyinzwe Isoko ry'Imari n'Imigabane mu nyandiko bishobora gushingirwaho mu gusuzuma niba ubusabe bwo kwemererwa gushyira inyandiko nyemezamwenda ku isoko bukwiye;</p> | <p>(iii) There are no matters other than those disclosed in the prospectus/information memorandum document or otherwise in writing to the CMA which should be taken into account by the Authority in considering the suitability for approval of the issuance of debt securities for which application is being made;</p> | <p>(iii) Il n'existe pas de questions autres que celles communiquées dans le prospectus / note d'information ou qui seraient communiquées à l'écrit à l'intention de l'Autorité des Marchés des Capitaux (CMA) qui doivent être considérées par l'Autorité dans l'examen de la pertinence de l'approbation de l'émission des titres de créance faisant l'objet de la demande d'émission;</p> |
| <p>(3) Abagize Inama y'Ubutegetsi y'Ushyira ku isoko inyandiko nyemezamwenda:</p> | <p>(3) the directors of the issuer:</p> | <p>(3) Administrateurs de l'émetteur:</p> |
| <p>(i) Twabasobanuriye twebw ubwacu cyangwa abandi bajyanama b'umwuga bakwiye tubasobanurira imiterere y'umurimo n'inshingano byabo nk'abagize Inama y'Ubutegetsi b'ikigo cyemerewe gushyira imigabane ku isoko hakurikijwe amategeko n'amabwiriza yerekeye isoko ry'imari n'imigabane;</p> | <p>(i) have had explained to them by us or other appropriate professional advisers the nature of their responsibilities and obligations as directors of a listed corporation under the laws and regulations of capital market; and</p> | <p>(i) ont demandé à nous-mêmes et d'autres conseillers professionnels appropriés de leur expliquer à la nature de leurs responsabilités et obligations en leur qualité d'administrateurs d'une société cotée en vertu des lois et règlements du marché des capitaux ; et</p> |
| <p>(ii) basobanukiwe ku buryo bw'umwihariko inshingano bafite zo gufasha ba nyir'inyandiko nyemezamwenda z'Ushyira ku isoko inyandiko ndetse na rubanda gusesengura neza uko Ushyira ku isoko inyandiko ahagaze bityo bakirinda kuba bagendera ku bihuha bakaba bagura inyandiko ze ku biciro bitari byo igihe zimaze kwemererwa</p> | <p>(ii) in particular, understand what is required of them to enable holders of the issuer's debt securities and the public to appraise the position of the issuer and avoid the creation of a false market in its securities once they are listed;</p> | <p>(ii) en particulier, comprennent ce qu'ils sont tenus de faire pour permettre aux détenteurs de titres de créance de l'émetteur et au public d'évaluer la situation de l'émetteur et d'éviter la création de faux marché de ses titres une fois qu'ils sont cotés;</p> |

gushyirwa ku isoko;

- | | | |
|---|--|--|
- 2° l'éducation ;
- 3° le développement communautaire ;

- 4° Ubuvuzi
- 5° Kwita ku batishoboye.

- 4° Health
- 5° Assistance to vulnerable persons.

- 4° la santé
- 5° l'assistance sociale aux personnes vulnérables.

Ingingo ya 6 : Aho ibikorwa bikorerwa

Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda rikorera mu gihugu cyose cya Repubulika y'u Rwanda. Rishobora kwagurira ibikorwa byaryo mu bindi bihugu.

Ingingo ya 7: Abagenerwabikorwa

Ibikorwa bigenerwa abanyamuryango baryo n'abaturarwanda bose muri rusange.

UMUTWE WA III: ABANYAMURYANGO N'UBURENGANZIRA BWABO

Ingingo ya 8: Abanyamuryango

Abanyamuryango b'itorero Méthodiste Libre mu Rwanda ni abayoboze bose ba EMLR. Baba abanyamuryango igihe babatijwe kandi bakemera amahame ya EMLR.

Ingingo ya 9 : Kuva mu muryango

Umunyamuryango ashobora gukurwa mu Itorero ku bw'izi mpamvu:

- 1° we ubwe abyishakiye;
- 2° igihe yanditswe mu rindi Torero cyangwa mu gihe agaragaweho n'ibikorwa byo gusenya Itorero cyangwa gufatanya n'inama zigamije kurisenya;

Article 6: Area of activities

The « Eglise Méthodiste Libre au Rwanda » shall operate countrywide in the Republic of Rwanda. It may expand their activities in other countries.

Article 7: Beneficiaries

Activities are intended to members of the Organization and all Rwanda residents in general.

CHAPTER III: MEMBERS AND THEIR RIGHTS

Article 8: Members

Members of the 'Eglise Methodiste Libre au Rwanda' are all Methodist believers. Membership is effectively acquired at Baptism and accepting the EMLR principles.

Article 9: Loss of membership

Church membership may terminated by:

- 1° voluntary withdrawal
- 2° when he/she is joining another religious denomination or sect or is characterized by church destruction doctrines or participate in meetings intending to destroy the church;

Article 6: Lieu d'activités

L'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda opère dans tout le pays de la République du Rwanda. Elle peut étendre ses activités à l'étranger.

Article 7: Bénéficiaires

Les Activités sont destinées aux membres de l'Organisation et tous les résidents du Rwanda en général.

CHAPITRE : MEMBRES ET LEURS DROITS

Article 8 : Membres

Sont membres de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda tous les fidèles de l'EMLR. Ils deviennent membres lors de leur baptême et de leur croyance aux principes de l'EMLR.

Article 9: Perte de qualité de membre

La perte de la qualité de membre de l'Organisation est due:

- 1° à sa démission volontaire ;
- 2° à son inscription dans une autre Eglise ou manifestant des actes ignobles visant à la détruire ou participant dans des réunions qui sont en l'encontre des objectifs de

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

3° igihe Itorero rimukuyemo kuko yatsinzwe n'urubanza yarishoyemo hanze yaryo;

4° igihe amaze umwaka atifatanya n'Itorero nk'umunyamuryango.

Umunyamuryango wivanye cyangwa uvanywe mu Itorero ntacyo ajyana mu byo yatanze mu Itorero.

Ingingo ya 10 :Uburenganzira

Abanyamuryango ba EMLR bafite uburenganzira bungana bwo gutora no gutorwa hakurikijwe amategeko n'amabwiriza y'Itorero.

Abanyamuryango ba EMLR bashyirwa mu myanya y'ubuyobozi hitawe ku ihame ry'ubumwe n'ubwiyunge, ubushobozi, ubunyangamugayo n'uburinganire.

Bahagararirwa mu Nama y'Ikirenga n'abajyanama batumwe n'Inama z'Umwaka babarurirwamo ku buryo:

1° umubare w'Abapasitori ungana n'uw'Abalayiki;

2° inama z'Umwaka zinganya abazihagarariye.

3° expulsion from church after his/her conviction of any litigation which he/she involved the church in from outside ;

4° where after one year without attending church service as a member.

Any member who shall resign or dismissed from the church shall not claim anything from his contribution to church.

Article 10: Rights

Members of the EMLR shall enjoy the same right of voting and being elected in accordance with rules and regulations of the church.

Members of the EMLR shall be appointed to the management post taking into account the principle of unity, competences, integrity and on gender.

They are represented in the General Conference by the delegates who shall be from in the Annual Conferences in the following way:

1° number of Ministerial equals to the number of Lay delegates;

2° annual Conferences have the same numbers of delegates.

l'Eglise;

3° expulsion dans l'Eglise faisant suite au jugement de condamnation de tout litige auquel il/elle a impliqué l'Eglise à l'extérieur;

4° après une année sans participer aux activités de l'Eglise en qualité de membre.

Tout membre de l'Eglise qui cesse d'être membre n'a pas droit de réclamer ses cotisations au sein de l'Eglise.

Article 10: Droits

Les membres de l'Organisation EMLR ont les mêmes droits d'élire et d'être élus conformément aux lois et règlements de l'Eglise.

Les membres de l'EMLR sont désignés aux postes de responsabilités en tenant compte du principe de l'Unité, réconciliation, compétences, intégrité et du genre.

Ils sont représentés dans la Conférence Générale, par des délégués mandatés par leurs Conférences Annuelles respectives de la manière suivante :

1° le nombre des Pasteurs est égal à celui des Laïcs ;

2° les Conférences Annuelles sont représentées à égalité des membres.

**UMUTWE WA IV : INZEGO Z'UBUYOBOZI,
UBUBASHA N'INSHINGANO**

Icyiciro cya mbere. Inzego z'Ubuyobozi

Ingingo ya 11:

Itorero Methodiste Libre mu Rwanda rigizwe n'inzego z'ingenzi z'ubuyobozi zikurikira:

- a. Inama y'Ikirenga
- b. Inama Nyobozi
- c. Komisiyo yo gukemura amakimbirane
- d. Ubugenzuzi bw'umutungo.

Icyiciro cya kabiri: Ububasha n'Inshingano

- a) Inama y'Ikirenga

Ingingo ya 12 :

Inama y'Ikirenga ni rwo rwego rukuru rwa EMLR. Igizwe n'abanyamuryango nyakuri bose.

Ingingo ya 13: Abajyanama b'Inama y'Ikirenga

Abajyanama b'Inama y'Ikirenga ni: Umwepisikopi w'Umuvugizi w'Itorero, Umwungirije, abandi bepisikopi, Umunyamabanga Nshingwabikorwa, Abapastori banganya umubare n'Abalayiki batumwe n'Inama z'Umwaka.

**CHAPTER IV: ORGANISATIONAL
STRUCTURE, COMPETENCE AND DUTIES
OF THE ORGAN**

Section one: Organisational structure

Article 11:

The « Eglise Méthodiste Libre au Rwanda » is composed of the following organs:

- a. The General Conference
- b. The Board of Directors
- c. The Commission in charge of conflict resolution
- d. The Church Auditor

Section 2 : Competences and Duties

- a) The General Conference

Article 12:

The General Conference is the supreme organ of the EMLR. It shall be composed of all effective members.

Article 13: Members of General Conference

The General Conference shall be composed by: the Bishop who is the Legal Representative of the church, his/her Deputy, other Bishops, the Executive Secretary and an equal number of Ministerial and Lay delegates from the Annual Conferences.

**CHAPITRE IV: STRUCTURE,
COMPÉTENCE ET ATTRIBUTIONS
DES ORGANES**

Section première : Structure des organes

Article 11 :

L'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda est composée par les organes suivants :

- a. La Conférence Générale
- b. Le conseil d'Administration
- c. La Commission en charge de la résolution des conflits
- d. Le Commissariat aux comptes de l'Eglise.

Section 2 : Compétences et Attributions

- a) La Conférence Générale

Article 12:

La Conférence Générale est l'organe suprême de l'EMLR. Elle est composée de tous les membres effectifs.

Article 13 : Les membres de la Conférence Générale

La Conférence Générale est composée de : l'Evêque Représentant Légal de l'Eglise, le Représentant Légal Adjoint, autres Evêques, le Secrétaire Exécutif et un nombre des Pasteurs qui est égal à celui des Laïcs, délégués par les Conférences Annuelles.

Ingingo ya 14: Manda y'abavugizi ba EMLR

Umuvugizi w'Itorero n'Umuvugizi wungirije batorwa mu bapastori buzuye kandi batorerwa manda y'imyaka itandatu(6). Bashobora kongera gutorerwa izindi manda.

Manda itangira kubarwa uherye umunsi w'itorwa ryabo.

Ingingo ya 15:

Inama y'Ikirenga iterana rimwe mu myaka itatu (3). Ishobora kandi guterana mu nama idasanzwe mu gihe cyose bibaye ngombwa bisabwe n'Inama Nyobozi.

Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umwepisikopi w'Umuvugizi w'Itorero. Iyo afite impamvu itamushoboza kuyitumiza no kuyiyobora, Umuvugizi Wungirije arayitumiza kandi akayiyobora.

Abo bombi badahari bisabwe na 1/3 cy'abanyamuryango nyakuri, inama iyoborwa na Perezida watorewe icyo gusa mu banyamuryango bahari.

Ingingo ya 16:

Urwandiko rutumira rukubiyemo ibiri ku murongo w'ibyigwa rugomba kugera ku banyamuryango nibura iminsi mirongo itatu mbere y'uko inama iterana. Ibigomba gusuzumwa n'Inama y'Ikirenga bitegurwa

Article 14: The term of Office of the Legal Representatives

The Bishop who is the Legal Representative of the Church and the Deputy Legal Representative shall be elected from full pastors for a six (6) years term of office renewable.

The term is counted from the date of their election.

Article 15:

The General Conference shall meet in an ordinary session only once every three (3) years. It may also meet in an extra-ordinary session as often as necessary upon request by the Board of Directors. It shall be convened and presided over by the Bishop who is Legal Representative of the church. If the Legal Representative of the Church is unable to convene and preside it over, the Deputy Legal Representative shall convene and preside over it.

In case of absence of both, upon a request by one third of effective members, the meeting shall be chaired by a Chairperson elected for that purpose among members present at that meeting.

Article 16:

The invitation to the meeting containing the agenda may reach the members at least thirty day (30) before the meeting be held. The agenda shall be prepared by the Board of Administration and approved by the General

Article 14: Le mandat de Représentant Légaux

L'Evêque Représentant Légal de l'Eglise et le Représentant Légal adjoint sont élus parmi les Pasteurs pour un mandat de six (6) ans renouvelable.

Le mandat commence à partir de la date de leur élection.

Article 15:

La Conférence Générale se réunit en session ordinaire une fois tous les trois (3) ans et en session extraordinaire autant de fois que de besoin à la demande du Conseil d'Administration. Elle est convoquée et présidée par l'Evêque Représentant Légal de l'Eglise. Lorsque le Représentant Légal est empêché, le Représentant Légal Adjoint y pourvoit et préside sa tenue.

Lorsque les deux sont absents, à la demande de 1/3 des membres effectifs, la réunion est présidée par un président élu à cet effet parmi les membres présents.

Article 16:

Dans tous les cas, la convocation précisant l'ordre du jour doit parvenir aux membres au moins trente jours avant la tenue de la Conférence Générale. L'ordre du jour est établi par le Conseil

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

n’Inama Nyobozi, bikemezwa n’Inama y’Ikirenga. Impaka zigibwa ku biri ku murongo w’ibyigwa gusa.

Conference. Discussions shall concern matters appearing on the agenda only.

d’Administration et adopté par la Conférence Générale. Les discussions portent sur les questions inscrites à l’ordre du jour uniquement.

Ingingo ya 17:

Inama y’Ikirenga iterana kandi igafata ibyemezo iyo habonetse byibura ubwiganze bwa bibiri bya gatatu (2/3) by’abayigize. Mu gihe uwo mubare utagezweho, Inama y’Ikirenga y’ubutaha iterana mu minsi 15 kandi ababonetse bose bagafata ibyemezo. icyo gihe ibyari ku murongo w’ibyigwa ntibhinduka.

Article 17 :

The General Conference shall sit and take decisions if the two-third majority of effective members are present. If the quorum is not present, the next General Conference shall meet within fifteen (15) days and shall deliberate whatever the number of members present. In this case, the agenda shall remain unchanged.

Article 17 :

La Conférence Générale ne siège valablement que si la majorité de 2/3 des membres effectifs sont présents. Lorsque ce quorum n’est pas atteint, la prochaine Conférence Générale aura lieu dans 15 jours et délibérera quels que soient les membres présents. L’ordre du jour préétabli reste inchangé.

Inyandiko-mvugo ishyirwaho umukono n’Umwanditsi hamwe n’Umuyobozi w’ Inama.

The minutes of the General Conference shall be signed by the Secretary and the Chairperson of the session.

Les procès-verbaux de la Conférence sont signés par le Secrétaire et par le Président de la séance.

Ingingo ya 18 : Inama y’Ikirenga ishinze:

Article 18 :The responsibilities of the General Conference shall be:

Article 18 : La Conférence Générale a les attributions suivantes :

- 1° kugena gahunda ya EMLR;
- 2° kwemeza no guhindura amategeko agenga EMLR;
- 3° gutora Abavugizi;
- 4° kugena manda y’Abavugizi n’Ababwiriza;

- 1° to make an action plan of EMLR;
- 2° approve and amend the statutes and the Internal regulations of EMLR
- 3° to elect the Legal Representatives;
- 4° to determine the Term of office of Legal Representatives and Superintendents;

- 1° établir un plan d'action de l’EMLR;
- 2° approuver et modifier les Statuts et Règlement d’ordre Intérieur de l’EMLR;
- 3° élire les Représentants Légaux;
- 4° déterminer la durée du mandat de Représentants Légaux et les Surintendants;

- 5° gushinga Ubwepisikopi bushya, Inama z’Umwaka nshya n’imbibi zazo;
- 6° kwemera abanyamuryango bashya no guhagarika cyangwa kwirukana abanyamuryango bagaragaweho imyitwarire mibi;

- 5° to establish new General Conference, new Annual Conferences and its zone;
- 6° approve new members and dismiss members who have shown misconduct;

- 5° établir un nouveau Evêché, des nouvelles Conférences Annuelles et leurs limites;
- 6° approuver les nouveaux membres et révoquer les membres qui ont eu une mauvaise conduite;

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

7° kwemeza iseswa ry'Itorero.

Ingingo ya 19:

Ibyemezo by'Inama y'Ikirenga bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abaje mu nama.

b) Inama Nyobozi

Ingingo ya 20:

Inama Nyobozi igizwe n'Umuvugizi w'Itorero, umwungirije, umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abajyanama batowe n'Inama y'Ikirenga mu bajyanama bayo baturutse mu nama z'umwaka ku buryo bungana.

Abagize Inama Nyobozi batorerwa manda y'imyaka itandatu. Bashobora kongera gutorerwa izindi manda.

Ingingo ya 21:

Inama Nyobozi iterana mu buryo busanzwe nibura rimwe mu mezi atandatu (6) no mu buryo budasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa. Iterana nyakuri ari uko bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize bibonetse.

Itumizwa kandi ikayoborwa n'Umwepiskopi w'Umuvugizi w'Itorero yaba atabonetse bigakorwa n'Umuvugizi wungirije.

Abo bombi badahari bisabwe na 1/3 cy'abayigize,

7° to adopt the dissolution of the Church;

Article 19:

The Decisions of the General Conference shall be taken based on the absolute majority of votes of the members present.

b) The Board of Directors

Article 20 :

The Board of Directors shall be composed of The Legal Representatives, the Executive Secretary and the members elected by the General Conference from its members delegated equally by its Annual Conferences

The Board. Members of Board of Directors are elected for a six year term of office renewable.

Article 21:

The Board of Directors shall meet in an ordinary session at least only once six months (6). It may also meet in an extra-ordinary session as often as necessary. It shall convene if the 2/3 of its effective members is present.

It shall be convened and presided over by the Bishop who is Legal Representative of the church. If the Legal Representative of the Church is unable to convene and preside it over, the Deputy Legal Representative shall convene and preside over it.

In case of absence of both, upon a request by one third

7° adopter la dissolution de l'Eglise;

Article 19:

La Conférence Générale prend les décisions à la majorité absolue des membres présents.

b) Du Conseil d'Administration

Article 20 :

Le Conseil d'Administration est composé du Représentant Légal de l'Eglise, son Adjoint, le Secrétaire Exécutif et les membres élus par la Conférence Générale issus des Conférences Annuelles, à une représentation égale.

Les membres du Conseil d'Administration sont élus pour un mandat de six ans renouvelables.

Article 21 :

Le Conseil d'Administration se réunit en session ordinaire au moins une fois tous les six mois (6) et en session extraordinaire autant de fois que de besoin. Il se réunit valablement si les deux tiers de ses membres sont présents.

Elle est convoquée et présidée par l'Evêque Représentant Légal de l'Eglise. Lorsque le Représentant Légal est empêché, le Représentant Légal Adjoint y pourvoit et préside sa tenue.

Lorsque les deux sont absents, à la demande

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

Inama iyoborwa na Perezida watorewe icyo gusa mu bajyenama bahari.

Ibyemezo by'Inama Nyobozi bifatwa hakurikijwe ubwiganze bw'amajwi y'abaje mu nama

Ingingo ya 22:

Inama Nyobozi ishinzwe:

- 1° gufata ibyemezo bitategereza igihe Inama y'Ikirenga izateranira;
- 2° gushyira mu bikorwa no kubahirisha ibyemezo byafashwe n'Inama y'Ikirenga;
- 3° gushyira mu myanya abayobozi bakuru b'imirimo y'Itorero;
- 4° gusuzuma raporo z'Umwepisikopi cyangwa Abepisikopi;
- 5° kugira inama no guhagarika ku mirimo abayobozi barenze ku mategeko n'amabwiriza y'Itorero.

c) Komisiyo yo gukemura amakimbirane

Ingingo ya 23 :

Komisiyo yo gukemura amakimbirane igizwe n'abantu barindwi(7) batorwa n'Inama y'Ikirenga.

Buri Nama y'Umwaka na buri Paruwasi nazo zitora Komisiyo yo gukemura amakimbirane.

effective members, the meeting shall be shared by a Chairperson elected for that purpose among members present at that meeting.

The Decisions of the Board of Directors shall be taken based on the simple majority of votes of the members present.

Article 22:

The Board of Directors shall be responsible for:

- 1° to take decisions on urgent issues that may not wait for the General Conference to meet;
- 2° to enforce the decisions taken by the General Conference ;
- 3° to appoint different leaders of the church;
- 4° assess the report of the Bishop or Bishops;
- 5° to advise and dismiss leaders who did not comply with the church rules and regulations.

c) The Commission in charge of conflict resolution

Article 23 :

The Commission in charge of conflict resolution shall be composed of seven members (7) who are elected by the General Conference.

Each Annual Conference and parish shall elect the commission in charge of conflict resolution.

de 1/3 des membres effectifs, la réunion est présidée par un président élu à cet effet parmi les membres présents.

Le Conseil d'Administration prend les décisions à la majorité simple des membres présents.

Article 22 :

Le Conseil d'Administration a les attributions suivantes :

- 1° prendre les décisions d'urgence en attendant la tenue de la Conférence Générale ;
- 2° Exécuter et faire exécuter les décisions prises par la Conférence Générale
- 3° nommer les hauts cadres de l'Eglise ;
- 4° examiner les rapports de l'Evêque ou des Evêques;
- 5° donner des conseils et révoquer les responsables qui n'ont pas respectés les règles de l'Eglise.

c) La Commission en charge de la résolution des conflits

Article 23 :

La Commission chargée de la résolution des conflits est composée de sept membres (7) qui sont élus par la Conférence Générale.

Chaque Conférence Annuelle et chaque Paroisse choisissent une commission chargée de la résolution des conflits.

Ingingo ya 24:

Komisiyo yo gukemura amakimbirane ishinzwe:

- 1° gukemura amakimbirane hagati y'abanyamuryango;
- 2° gukemura amakimbirane hagati y'inzego z'Itorero;
- 3° gukemura amakimbirane ashingiye ku micungire y'umutungo w'Itorero.

Ingingo 25:

Amakimbirane yose mu Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda agomba gushakirwa uburyo bwo kuyakemura mu bwumvikane. Iyo abafitanye amakimbirane badashoboye kumvikana, hitabazwa Komisiyo yo gukemura amakimbirane. Utishimiye imikirize y'ikibazo ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha.

d) Ubugenzuzi bw'umutungo

Ingingo ya 26:

Urwego rw'ubugenzuzi bw'umutungo w'Itorero rugizwe n'abantu 3 batorwa n'Inama y'Ikirenga.

Ingingo ya 27 :

Ubugenzuzi bw'umutungo w'Itorero bushinzwe:

- 1° kugenzura imikoreshereze y'umutungo wimukanwa n'utimukanwa w'Itorero;
- 2° gutanga raporo mu Nama y'Ikirenga imaze kwemezwa n'Inama Nyobozi.

Article 24 :

The Commission in charge of conflict resolution shall be responsible for:

- 1° resolve conflict between members;
- 2° resolve conflict between different organs of the Church;
- 3° resolve conflict related church assets.

Article 25:

All conflicts that may rise from the Church should be solved amicably. Where conflicts may persist, the Commission in charge of conflict resolution should be called upon. Anyone who shall not be happy with the decision he/she shall refer the issue to a competent court.

d) The Church Auditor

Article 26 :

The Organ in charge of Auditing the property of the church shall be composed of three (3) people who shall be elected by the General Conference.

Article 27 :

The Church Auditor shall be responsible for:

- 1° to audit church movable or immovable assets;
- 2° to report to the General Conference upon adoption by the General Conference Board of Administration.

Article 24:

La Commission en charge de résolutions de conflits a les attributions suivantes:

- 1° règlement des litiges entre les membres;
- 2° règlement des litiges entre les différents organes de l'Église;
- 3° règlement des litiges liés aux patrimoines de l'Église.

Article 25:

Tous les conflits qui peuvent surgir au sein de l'Église sont résolus à l'amiable. Au cas où les conflits persistent, on fait recours à la Commission chargée de la résolution des conflits. Toute personne qui ne se sentira pas content de la décision prise, peut saisir un tribunal compétent.

d) Le Commissariat aux comptes

Article 26 :

Le Commissariat aux comptes de l'église est constitué de trois (3) personnes qui sont choisis par la Conférence Générale.

Article 27 :

Le Commissariat aux comptes de l'Église a comme attributions :

- 1° vérifier la gestion du patrimoine mobilier et immobilier de l'Église ;
- 2° donner rapport à la Conférence Générale après approbation par le Conseil d'Administration.

Icyiciro cya 5: Ibishingirwaho kugira ngo umuntu abe umuyobozi n'uko abitakaza

Ingingo ya 28:

a) ibishingirwaho

- 1° Kuba inyangamugayo afite n'imyaka y'ubukure;
- 2° Kuba atarahamwe n'icyaha cya jenocide n'icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
- 3° Kuba atarakatiwe kuburyo budasubirwaho igihano cy'iremezo cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu kitarahanagurwa n'imbabazi z'itegeko cyangwa ihanagurubusembwa.

b) Uko umuntu abitakaza

- 1° imikorere n'imitwarire mibi no kwica amategeko nkana;
 - 2° kutubahiriza ibyashyingiweho igihe yashyirwaga kuri uwo murimo;
 - 3° guhamwa n'icyaha cya jenocide icy'ingengabitekerezo ya jenocide, icy'ivangura n'icyo gukurura amacakubiri;
 - 4° gukatirwa igihano kingana cyangwa kirenze amezi atandatu;
- Bimaze gusuzumwa no kwemezwa n'Inama zibishinze ku rwego rw'ubuyobozi bw'Itorero buri wese abarizwamo, ahagarikwa mu mirimo ye n'urwo rwego.

UMUTWE WA V: UMUTUNGO W'ITORERO

Ingingo ya 29:

Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda rigira

Section 5: Criteria for being and loss of Leadership

Article 28:

a) criteria for being a leader

- 1° To be a person with integrity and be of a majority age;
- 2° Have not been sentenced for the crime of genocide, genocide ideology, discrimination and sectarianism;
- 3° Have not been definitively sentenced to a main penalty of imprisonment of not less than six (6) months which is not crossed by amnesty or rehabilitation.

b) Criteria of loss of leadership

- 1° abuse of office, misconduct and deliberate violation of laws;
 - 2° non compliance with criteria on which his appointment to that post was based;
 - 3° have been convicted of Genocide and the Genocide ideology, discrimination or sectarianism;
 - 4° have been sentenced to a penalty equal or exceeding six (6) months;
- After assessment by the appropriate councils at the Church leadership from which each belongs to, he shall be dismissed from his duties by that Organ.

CHAPTER V: ASSET OF THE CHURCH

Article 29:

Assets of the 'Eglise Methodiste Libre au Rwanda'

Section 5: Critères d'entrer et de Cessation de fonction

Article 28 :

a) critères d'être un responsable

- 1° Etre une personne intègre et avoir atteint l'âge de la majorité;
- 2° N'avoir pas été condamné pour crime de génocide, d'idéologie du génocide, de discrimination et de divisionnisme ;
- 3° N'avoir pas été définitivement condamné à une peine principale d'emprisonnement supérieure ou égale à six(6) mois qui n'a pas été rayée par l'amnistie ou la réhabilitation.

b) Critères de cessation de fonction

- 1° abus de pouvoir et violation délibérée des lois ;
 - 2° le non-respect des critères sur lesquels sa nomination à ce poste s'est basée;
 - 3° est reconnu coupable du crime du génocide, de la discrimination ou de divisionnisme;
 - 4° a fait l'objet d'une condamnation d'une peine égale ou supérieure à six (6) mois ;
- Après avoir été examiné par les conseils correspondants au niveau de l'administration de l'Eglise, il est suspendu dans ses fonctions par cet Organe.

CHAPITRE V: PATRIMOINE DE L'EGLISE

Article 29 :

L'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda

Official Gazette n° 35 of 02/09/2013

umutungo w'abantu, ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

shall be of human resource, movable and unmovable assets.

dispose des ressources humaines, mobilières et immobilières.

Ingingo ya 30:

Umutungo ukomoka mu misanzu y'abanyamuryango, imfashanyo, impano, umurage n'umusaruro ukomoka mu byo ritunze.

Article 30:

Assets shall derive from contribution, assistance, legacy, grant and any production from its assets.

Article 30:

Le patrimoine provient des cotisations, des subsides, legs et ressources propres de l'Eglise.

UMUTWE WA VI: IHINDURWA RY'AMATEGEKO N'ISESWA RY'ITORERO

CHAPTER VI: AMENDMENT OF THE CONSTITUTION AND THE DISSOLUTION OF THE CHURCH

CHAPITRE VI: MODIFICATION DES STATUTS ET LA DISSOLUTION DE L'EGLISE

Ingingo ya 31: Ihindurwa ry'amategeko

Aya mategeko ashobora guhinduka byemejwe na 2/3 by'abagize Inama y'Ikirenga.

Article 31: Amendment of the Constitution

This Constitution may be amended upon approval by 2/3 of members of the General Conference.

Article 31: Modification des statuts

Les présents statuts peuvent être modifiés sur décision des 2/3 des membres de la Conférence Générale.

Ingingo ya 32: Iseswa ry'Itorero

Itorero Methodist Libre mu Rwanda rishobora guseswa byemejwe na 2/3 by'abagize Inama y'Ikirenga. Igihe Itorero Methodist Libre mu Rwanda risheshwe, umutungo waryo uhabwa undi muryango bihujwe intego n'imyemerere iyo byemejwe n'Inama y'Ikirenga.

Article 32: Dissolution

The "Eglise Methodist Libre au Rwanda" may be dissolved upon approval by 2/3 of members of the General Conference. In that case, the "Eglise Methodist Libre au Rwanda" is dissolved; its assets shall be allocated to another organization with similar objectives and believes upon approval by the General Conference.

Article 32: Dissolution

L'Eglise Methodist Libre au Rwanda peut être dissoute sur décision des 2/3 des membres de la Conférence Générale. En cas de dissolution, le patrimoine de l'Eglise est affecté à une autre organisation poursuivant les objectifs et doctrines similaires sur décision de la Conférence Générale.

UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA

CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES

Ingingo ya 33:

Aya mategeko shingiro yuzuzwa ari mu gitabo cy'Imitegekere. Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Article 33:

This Constitution shall be complimented by the book of discipline. All other prior legal provisions contrary to this are hereby repealed.

Article 33:

Les présents statuts complètent le livre de discipline et le complètent. Toutes les dispositions antérieures et contraires aux

Ingingo ya 34:

Iyo aya mategeko shingiro avuguruza Igitabo cy'Imitegekere, ibiteganywa n'aya mategeko shingiro ni byo byitabwaho.

Iyo havutse impaka ku myumvire y'aya mategeko, hakurikizwa inyandiko y'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 35:

Ibidateganyijwe muri aya mategeko shingiro, Itorero rikurikiza ibiteganyijwe mu gitabo cy'Imitegekere, n'amategeko agenga imiryango ishingiyeye ku idini.

Ingingo ya 36:

Aya mategeko shingiro y'Itorero Méthodiste Libre mu Rwanda atangira gukurikizwa iyo amaze kwemezwa n'Inama y'Ikirenga.

Kigali, kuwa 19 Ukwakira 2012

**Umuvugizi wa EMLR
Bishop KAYINAMURA Samuel
(sé)**

**Umuvugizi wungirije wa EMLR
Rév. MUNYANDAME Daniel
(sé)**

Article 34:

Where these laws shall be in contradiction with the book of discipline, the provisions of this Constitution shall prevail.

In the event of a conflict in interpretation of this constitution, Kinyarwanda language version shall take precedence.

Article 35:

Anything that shall not be provided in this Constitution, the Church shall refer to the book of discipline, and to the organic law determining organisation of religious based organisation.

Article 36:

This Constitution governing the 'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda''shall come into force upon approval by the General Conference.

Kigali, on October 19th, 2012

**The Legal Representative of EMLR
Bishop KAYINAMURA Samuel
(sé)**

**The Deputy Legal Representative of EMLR
Rev. MUNYANDAME Daniel
(sé)**

présents statuts sont abrogées.

Article 34:

En cas de contradiction entre les dispositions des présents statuts et celles du livre de discipline, celles des présents statuts prévalent.

En cas de conflit d'interprétation de ces statuts, c'est la version en Kinyarwanda qui sera prise en considération.

Article 35:

Pour tout ce qui n'est pas stipulé par les présents statuts, l'Eglise se réfère au livre de discipline, ainsi qu'à la loi Organique relative aux organisations fondée sur la religion.

Article 36:

Les présents Statuts de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda entrent en vigueur le jour de leur adoption par la Conférence Générale.

Kigali, le 19 Octobre 2012

**Le Représentant Légal de L'EMLR
Bishop KAYINAMURA Samuel
(sé)**

**Le Vice Représentant Légal de L'EMLR
Rév. MUNYANDAME Daniel
(sé)**

Name of the Legal Representative: **Bishop Samuel KAYINAMURA**

Full address:

Headquarters office /:

Province: **Kigali City**

District: **Kicukiro**

Sector: **Gikondo**

Cell; **Kinunga**

P.O. Box: **1668 Kigali**

Tel: **0788863969**

E-mail: **bishopsamka@yahoo.com**

Website:

Name of the Deputy Legal Representative: **Rev. Daniel MUNYANDAME**

Full address:

Headquarters office /:

Province: **Kigali City**

District: **Kicukiro**

Sector: **Gikondo**

Cell: **Kinunga**

P.O. Box: **1668 Kigali**

Tel: **0788556451**

E-mail: **mudan2020@yahoo.fr**

Website:

REPORTING FORMAT

Name of the Religious based organization: **EGLISE METHODISTE LIBRE AU RWANDA (EMLR)**

Full address:

Head quarters office /:

Province: **Kigali City**

District: **Kicukiro**

Sector: **Gikondo** Cell: **Kinunga**

P.O. Box: **1668 Kigali**

Tel: **0788863969**

E-mail: emlrwa@yahoo.fr/ bishopsamka@yahoo.com

Website:

INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'IKIRENGA Y'ITORERO METHODISTE LIBRE MU RWANDA

Inama y'Ikirenga y'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda (EMLR) yateraniye i Gikondo mu Karere ka Kicukiro mu Mujyi wa Kigali ku matariki ya 18 na 19 Ukwakira 2012.

IBYARI K'UMURONGO W'IBYIGWA

1. Gusenga
2. Kwakira abajyanama
3. Ivugururwa ry'amategeko shingiro ya EMLR
4. Gusozza Inama

UKO BYIZWE

1. Gusenga

Nyuma y'indirimo, Inama yatangijwe n'isengesho ndetse n'ijambo ry'Imana twayobowemo na Pastori IRIHOSE Marc. Yifashishije Ijambo riboneka mu gitabo cy'umuhanuzi Yesaya 3,10 aho yagize ati : "Abakirantsi bazagubwa neza kuko bazatungwa n'imirimo y'amaboko yabo ». yerekanye ingero nyinshi zivugwa muri Bibiliya aho yadukanguriraga kwishakamo ubushobozi kuko imbaraga tuzifite, dusabwa gusa kuzikoresha kugirango umurimo w'Imana utere imbere.

2. Kwakira abajyanama

Nyuma yo gusuzuma intumwa nkuko zoherejwe ziturutse muri za Konferansi zose, habonetse intumwa 38 kuri 40 bagombaga kwitabira Inama. Mgr. Samuel KAYINAMURA, Umwepiskopi n'Umuvugizi w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda, yakiriye abajyanama bose uko bari baturutse muri Konferansi z'Umwaka zitandukanye abifuriza kugubwa neza no gutanga ibitekerezo mu bwisanzure. Yaboneyeho umwanya wo kwakira Pastori Scott EDINGER uturuka muri Leta zunze ubumwe z'America aho yaje n'umuryango we gufatanya n'Itorero mu murimo w'amahugurwa y'abapastori ndetse no mu bikorwa bya Child Care Ministries.

3. Ivugururwa ry'amategeko shingiro ya EMLR

Nyuma y'igihe kingana n'imyaka ibiri Komisiyo ishinzwe kuvugurura amategeko shingiro ndetse nay'umwihariko y'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda irimo kwiga kuri iri vugururwa, yagejeje raporo yayo mu Nama y'Ikirenga kugirango iyemeze. Iyi raporo yatanze na Pastori SINAMENYE Isaac visi Perezida w'iyi Komisiyo. Nyuma y'ubugororangingo, amategeko remezo ari ku mugereka w'iyi nyandikomvugo yaremejwe ku majwi 38/38, Inama inemezako yashyikirizwa inzego zibishinzwe kugirango atangazwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'Urwanda.

Nyuma yo gutora aya mategeko Inama yafashe ibindi byemezo bikurikira:

a) Abagize Inama Nyobozi

- Mgr KAYINAMURA Samuel : Umwepiskopi n'Umuvugizi w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Rev. MUNYANDAME Daniel : Umuvugizi wungirije w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Bwana SERUGO Singaye Jeremie : Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Itorero Methodiste Libre mu Rwanda
- Rev. MUSHIMIYIMANA Casimir : Umwanditsi w'Inama y'Ikirenga
- Rev. MUHOZA Josue
- Rev. MUSHIMIYIMANA Simeon
- Rev. SEBAGABO Cyprien
- Rev. RWIHANIZA Jonas
- Rev. NZAYIBONANTE Evariste
- Bwana NSABIMANA Emmanuel

- Bwana NSABIMANA Damien
- Madame NYIRANGIRIMANA Suzana
- Madame MUKANTAGARA Esperance
- Bwana MUNYESHYAKA Emmanuel
- Bwana UKWITEGETSE Jean Paul

b) Abagize Komisiyo yo gukemura amakimbirane

- Rev. NGAMIJE Emmanuel
- Bwana AYIRWANDA Jean Baptiste
- Rev. MUTAGANDA Marcel
- Rev. SEBAGABO Cyprien
- Madame MUTIRABURA Rachel
- Rev. HABIMANA Vedaste
- Bwana NSABIMANA Emmanuel

c) Abagize Komisiyo yo kugenzura umutungo

- Bwana NDUWAYO Isaac
- Madame KAMPARAGE Marceline
- Bwana MUHOZA Jacques

4. Ibindi byemezo byafashwe n’Inama

Nyuma yo kumva raporo ku ivugururwa ry’amategeko y’umwihariko y’Itorerero Methodiste Libre mu Rwanda (igitabo cy’imitegekere), Inama yemejeko:

- ✓ Urwego rwa Region/District ruvuyeho kuko rukora imirimo isa cyangwa ishobora gukorwa n’urwego rwa Konferansi, Komisiyo ya Restructuration izerekana uburyo izo nzego zisigaye zizakora cyane hitabwa ku guha ubushobozi urwego rw’ibanze arirwo paruwasi; izareba kandi uburyo Konferansi z’umwaka zakwiyongera;
- ✓ Urwego rw’Umuvugizi wa kabiri wungirije rwavuyeho hasigara Umuvugizi umwe wungirije;
- ✓ Inama yishimiye kwemerwa ndetse no gutangira ku Ishuri rikuru rya Kibogora(Kibogora Polytechnic);
- ✓ Ikirangantego cya EMLR cyari gisanzweho gisimbuwe n’ikindi gishya gihuriweho n’abamethodiste Libre kw’Isi;
- ✓ Inama yishimiye ko Itorerero Methodiste Libre mu Rwanda rikomeje gutera imbere kandi rikorera mu mutekano usesuye no mu bumwe bw’abanyetorerero.

5. Gusoza Inama

Umuyobozi w’Inama Mgr. Samuel KAYINAMURA, yashimiye abitabiriye Inama bose ndetse n’ibitekerezo byiza byubaka batanze, abasaba gushyira imbaraga hamwe kugira ngo Itorerero Methodiste Libre mu Rwanda ritere imbere, kandi rikomeze kuba icyitegererezo aho rikorera, rirushaho gufatanya n’Inzego za Leta mu iterambere ry’igihugu cyacu. Yashimiye k’uburyo bw’umwihariko Komisiyo yari ishinze kuvugurura amategeko shingiro umuhate n’imbaraga yashyize muri iki gikorwa kugirango amategeko tugenderaho ahuzwe n’itegeko rigena imitunganyirize n’imikorere by’imiryango ishingiyeye ku idini, ahuzwe kandi n’igihe tugezemo.

Bikorewe i Kigali, kuwa 19/10/2012

UMWANDITSI W’INAMA
Rev. Casimir MUSHIMIYIMANA
(sé)

UMUYOBOZI W’INAMA
Mgr. Samuel KAYINAMURA
(sé)

ABAJYANAMA B'INAMA Y'IKIRENGA (Kigali 18-19/10/2012)

NO	AMAZINA	UMUKONO
01	BAYIHORERE Eraste	(Sé)
02	BAZIKI Marie	(Sé)
03	BIZURU NKURIYIMANA Isaac	(Sé)
04	DUSABE Emmanuel	(Sé)
05	HABIMANA Vedaste	(Sé)
06	HABIYAMBERE Célestin	(Sé)
07	HABIYEZE Thomas	(Sé)
08	IRAMBONA Sosthène	(Sé)
09	KAYINAMURA Samuel	(Sé)
10	MUHOZA Mbabazi Josué	(Sé)
11	MUKANTAGARA Espérance	(Sé)
12	MUKARWEMA Vestine	(Sé)
13	MUKASHYAKA Jeanne	(Sé)
14	MUNIMUNI NKUNDIMANA Jackson	(Sé)
15	MUNYAMAHORO Charles	(Sé)
16	MUNYANDAME Daniel	(Sé)
17	MUNYESHYAKA Emmanuel	(Sé)
18	MUSHIMIYIMANA Siméon	(Sé)
19	MUSHIMIYIMANA Casimir	(Sé)
20	MUTAGANDA Marcel	(Sé)
21	MUTIRABURA Rachel	(Sé)
22	MUTUNZI Rubirira Jonas	(Sé)
23	NDARABUTSE Zabulon	(Sé)
24	NGAMIJE Emmanuel	(Sé)
25	NIYOMUGABO Livingstone	(Sé)
26	NSABIMANA Damien	(Sé)
27	NSABIMANA Eliab	(Sé)
28	NSABIMANA Emmanuel	(Sé)
29	NYABYENDA Siméon	(Sé)
30	NYIRANGIRIMANA Sousane	(Sé)
31	NZAYIBONANTE Evariste	(Sé)
32	RUGEMA Sylvestre	(Sé)
33	RUGENERWA NDAYE Abraham	(Sé)
34	RWIHANIZA Jonas	(Sé)
35	SEBAGABO Cyprien	(Sé)
36	SEKERUKUNZE Apollinaire	(Sé)
37	SERUGO Singaye Jeremie	(Sé)
38	UKWITEGETSE Jean Paul	(Sé)

DECLARATION DE REPRESENTANTS LEGAUX

Nous soussignés, **Mgr. Samuel KAYINAMURA** et **Rév. Daniel MUNYANDAME**, respectivement comme Représentant Légal et Représentant Légal suppléant, de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda, reconnaissons avoir été élus à l'unanimité par les membres de la Conférence Générale de l'Eglise Méthodiste Libre au Rwanda en Assemblée Générale tenue en sa séance ordinaire à Gikondo/Kigali en date du 18-19/10/2012.

Fait à Kigali, le 19/10/2012

(sé)

Mgr. Samuel KAYINAMURA
Représentant Légal

(sé)

Rév. Daniel MUNYANDAME
Représentant Légal Suppléant

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NTWALI PATRICK RUSABA
GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **NTWALI Patrick** utuye mu Kagari ka Kiyovu, Umurenge wa Nyarugenge, Akarere ka Nyarugenge, Umujyi wa Kigali, yasabye guhindura amazina ye ya **NTWALI Patrick** yongeramo irya **GAHIMA** agahinduka **NTWALI GAHIMA Patrick** mu irangamimarere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko ari muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Kongo habayeho Iteka rikuraho amazina y'amakirisitu ntiyandikwagaho izina rya **Patrick** yari yarabatijwe ahubwo arisimbuza irya se **GAHIMA**. Ageze mu Rwanda mu gihe cyo gufata indangamuntu yandikisha amazina ya **NTWALI Patrick**.

Akaba asaba kwemererwa mu buryo bwemewe n'amategeko kongera izina **GAHIMA** mu yo asanganywe ya **NTWALI Patrick** mu irangamimarere ye; bityo akitwa **NTWALI GAHIMA Patrick** kugira ngo abashe kugira amazina amwe mu byangombwa bye byose.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA Brejnev MUHIZI RUSABA
GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **Brejnev MUHIZI** utuye mu 15th Avenue, 16 Oakwood, Woodstock 7925, South Africa, mu Rwanda akaba abarizwa mu Mudugudu wa Nyabisindu, Akagari ka Shyembe, Umurenge wa Murambi, Akarere ka Karongi, Intara y'Iburengerazuba, yasabye guhindura amazina ye ya **Brejnev MUHIZI** hakongerwamo irya **MUHIRE** agahinduka **Brejnev MUHIZI MUHIRE** mu irangamimarere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko ari muri Kenya agiye gutangira amashuri abanza bamutegetse kongeraho izina rya se umubyara ku mazina yandikisha ku ishuri. Ibi byaje gutuma amazina akoresha ku ishuri atandukana n'ayanditse mu irangamimerere ye mu Rwanda.

Akaba asaba kwemererwa mu buryo bwemewe n'amategeko kongera izina **MUHIRE** mu yo asanganywe mu irangamimarere ye; bityo akitwa **Brejnev MUHIZI MUHIRE** kugira ngo abashe kugira amazina amwe mu byangombwa bye byose.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA UMWANZAVUGE Mathias RUSABA
GUHINDURA IZINA

Uwitwa **UMWANZAVUGE Mathias** ubarizwa mu Murenge wa Kacyiru, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, yasabye guhindura izina rye bwite rya **UMWANZAVUGE** akarisimbuza irya **DUSHIME** mu irangamimarere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko izina rya **UMWANZAVUGE** ababyeyi be bamwise asanga ari ribi rikaba rimutera ipfunwe mu bandi.

Akaba asaba kwemererwa guhindura izina **UMWANZAVUGE** rigasimburwa **DUSHIME** mu irangamimarere ye; bityo akitwa **DUSHIME Mathias** kuko iry'ingereka ryo nta kibazo arifiteho.

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA SEBITITAWeho Melanie RUSABA
GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **SEBITITAWeho Melanie** utuye mu Mudugudu wa Murehe, Akagari ka Niboye, Umurenge wa Niboye, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, yasabye guhindura izina rye bwite rya **SEBITITAWeho** rigasimburwa n'izina **UWITAWeho** maze akitwa **UWITAWeho Melanie** mu irangamimarere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko iryo zina rya **SEBITITAWeho** ari irigenurano byongeyeho kandi akaba ari izina ry'abantu b'ogitsina gabo bityo akumva ko rimupfobya kandi ntirimuhe agaciro kubera ubusobanuro bwaryo.

Akaba asaba kwemererwa mu buryo bwemewe n'amategeko akareka izina **SEBITITAWeho** rigasimburwa **UWITAWeho**.

ICYEMEZO N°RCA /1306/2009 CYO KUWA 22/10/2009 GIHA UBUZIMAGATOZI IHURIRO RY'KOPERATIVE Y'ABAROBYI MU BUGESERA/UNION DES COOPERATIVES DES PECHEURS AU BUGESERA « UCOPEBU »

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida w'Ihuriro « **UCOPEBU** », rifite icyicaro i Mayange, Umurenge wa Mayange, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, mu rwandiko rwe rwo kuwa 15 Mata 2009;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Ihuriro « **UCOPEBU** », rifite icyicaro i Mayange, Umurenge wa Mayange, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba, rihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Ihuriro « **UCOPEBU** », rigamije guteza imbere uburobyi bw'amafi mu biyaga bya Rumira, Mirayi, Kirimbi na Gaharwa. Ntiryerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyo rihereye ubuzimagatozi, keretse ribanje kubisaba rikanabihereza uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Iki Cyemezo kigira agaciro guhera umunsi cyatangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 22/10/2009

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA /583/2013 CYO KUWA 21/06/2013 GIHA
BUZIMAGATOZI KOPERATIVE « ABATIGANDA KISARO »
(KOAKISA)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOAKISA** », ifite icyicaro i Kigarama, Umurenge wa Kisaro, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **KOAKISA** », ifite icyicaro i Kigarama, Umurenge wa Kisaro, Akarere ka Rulindo, Intara y'Amajyaruguru, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **KOAKISA** », igamije guteza imbere ububumbyi bw'amatafari n'amategura. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi ihereye ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **KOAKISA** », itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa **21/06/2013**

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

**ICYEMEZO N°RCA /481/2013 CYO KUWA 27/05/2013 GIHA
BUZIMAGATOZI KOPERATIVE «ABANYAMURAVA B'UBUHINZI
BW'URUTOKI MUGANZA» (KOABUBUMU)**

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **KOABUBUMU** », ifite icyicaro i Cyumba, Umurenge wa Muganza, Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **KOABUBUMU** », ifite icyicaro i Cyumba, Umurenge wa Muganza, Akarere ka Gisagara, Intara y'Amajyepfo, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **KOABUBUMU** », igamije guteza imbere ubuhinzi bw'urutoki. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi iherewe ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabiherwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

Koperative « **KOABUBUMU** », itegetswe gutangaza iki Cyemezo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikimara kugihabwa.

Kigali, kuwa **27/05/2013**

(sé)

MUGABO Damien

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative

ICYEMEZO N°RCA /573/2013 CYO KUWA 20/06/2013 GIHA BUZIMAGATOZI « COOPERATIVE DES TAXIMEN MOTO DE MWURIRE-NTUNGA» (COOTAMOMWU - NTUNGA)

Umuyobozi w'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere Amakoperative;

Ashingiye ku Itegeko n° 50/2007 ryo kuwa 18 Nzeri 2007 rigena ishyirwaho, imiterere n'imikorere y'Amakoperative mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 23, igika cya 3;

Ashingiye ku Itegeko n° 16/2008 ryo kuwa 11/06/2008 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza Imbere Amakoperative, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 3, igika cya 2;

Abisabwe na Perezida wa Koperative « **COOTAMOMWU - NTUNGA** », ifite icyicaro i Ntungwa, Umurenge wa Mwurire, Akarere ka Rwamagana, Intara y'Iburasirazuba;

YEMEJE:

Ingingo ya mbere:

Koperative « **COOTAMOMWU - NTUNGA** », ifite icyicaro i Ntungwa, Umurenge wa Mwurire, Akarere ka Rwamagana, Intara y'Iburasirazuba, ihawe ubuzimagatozi.

Ingingo ya 2:

Koperative « **COOTAMOMWU - NTUNGA** », igamije gutanga serivisi zijyanye no gutwara abagenzi hakoreshejwe amapikipiki. Ntiyemerewe gukora indi mirimo inyuranye n'iyi ihereye ubuzimagatozi, keretse ibanje kubisaba ikanabihirwa uburenganzira.

Ingingo ya 3:

